# Uyu Munsi Iki Cyanditswe Kirasohoye

Jeffersonville, Indiana, USA
19 Gashyantare 1965

1 Mugume muhagaze byonyine, niba mubishaka, mu gihe twubitse imitwe ku bw'ijambo ry'isengesho.

Dawe uri mu Ijuru dukunda, turashimye, muri uyu mugoroba, ku bw'aya mahirwe dufite yo kuza kugabura ubu Butumwa Bwiza kandi bw'igitangaza bwa Yesu Kristo. Tugushimiye ko Akiri uko yari ari ejo kandi akaba ari ko Azahora iteka ryose. Tugushimiye ku bw'aba bantu bateraniye hano, muri iki gihe cy'imbeho, kandi bakaba bari mu gutegereza gukomeye - bategereje, bizeye ko hari ikidasanzwe tugiye guhabwa n'Imana. Tuje kuri ibi byiringiro, Mwami, muri buri materaniro. Tugushimiye ameteraniro y'ejobundi nimugoroba mu Rusengero. Tugushimiye amateraniro y'ejo nimugoroba n'amateraniro ya none mu Rusengero. Si twe turi bubone Utangiye kutubwira icyo Wadupfunyikiye, muri uyu mugoroba.

Dawe, tuzi ko buri wese ushoboye kunyeganyeza ibiganza bye ashobora guhindura impapuro za Bibiliya, ariko hariho Umwe Rukumbi ushobora kuyiha ubuzima kandi Akayigira ifatika, nta undi utari Wowe. Kandi Dawe, twiteze ko Ubikora muri uyu mugoroba. Duhe umugisha muri byose. Imitima yacu isabwe n'umunezero nk'uko tubona hegera igihe cyo guhura na We imbonankubone, We twakunze kandi tukaba twaramubereyeho iriya myaka yose.

Mwami, twabonye abahinduka bashya benshi - nabonye amakuru ko itsinda rikomeye ry'abantu babarirwa hagati ya mirongo ine na mirongo itanu riri bubatizwe mu Izina Ryawe muri iki gitondo, nyuma y'amateraniro y'ejo nimugoroba. Mana, komeza, nyamuneka, tugusabye, kugeza ubwo buri Mbuto yatoranijwe y'Imana ibona Umucyo w'Ubutumwa Bwiza maze Ikinjira mu rwuri.

Tugusabye kuduhisha, muri uyu mugoroba, inyuma y'Ijambo; tugire impumyi ku by'isi kandi Utwereke uwo Yesu. Hashobore kuboneka, hagati muri twe uyu mugoroba, umwitozo w'Umusozi wo guhindurirwaho ku buryo tutagira undi tubona uretse Yesu wenyine. Tubisabye mu Izina Rye no ku bw'ikuzo Rye no ku bwo guhamya Ubutumwa Bwiza Bwe. Amina.

Mushobora kwicara.

2 Ngiye guhindukiza uyu muzindaro cyangwa iki gicaniro, buhoro, niba ari muri gahunda, kugira ngo mbashe kubona impande z'iteraniro zombi. Ntekereza ko nshobora gushinga iyi mizindaro hano. Ni byiza cyane, akanya gato.

Dushuhuje muri uyu mugoroba kuri telefone, duhereye muri iki cyumba cy'ingenzi, incuti zacu zo muri Arizona, muri California, muri Texas no mu gihugu cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Aya - aya - aya materaniro y'uyu mugoroba ari bugere mu gihugu cyose binyuze muri telefone, bityo tukaba twiringiye ko Imana iri buduhe umugisha.

Mwaba mubasha kumva hariya inyuma aherekera - i bumoso - mu cyumba? Ni byiza cyane, tugiye noneho kugenzura ibyuma by'itumanaho kugira ngo tumenye ko bikora neza cyane.

3 Mbese mwese mwaba munezerewe muri uyu mugoroba? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Ni byiza, ni byiza. Muri uru ruhande? ["Amina."] Amina. Nejejwe cyane n'uko muguwe neza mu myicarire yanyu.

Kandi noneho, ejo nimugoroba, niba - niba uruvunganzoka rw'abantu rukomeje kwiyongera, hazanabaho telefone itaziguye. Barahari muri uyu mugoroba. Ntekereza ko bamwe muri bo bari hariya mu Rusengero.

Kandi ejo mugitondo, nta materaniro ashobora kuzabera mu Rusengero kuko ushinzwe iby'indabo azaba ari hariya ataka urusengero kubera ubukwe bw'ejo kugicamunsi. None twimuriye amateraniro ya mugitondo mu rusengero rwa Mwenedata Ruddell, umwe mu bo duhuje imyizerere kandi ni hano ku muhanda mukuru nomero 62. Byaba byaratangajwe? [Mwenedata Neville avuga ati: "Yego."- U.I.] Byatangajwe. Kandi niba babuze aho bakwirwa, turafata abasagutse maze tubashyire undi mugaragu w'Imana kwa Mwenedata Junior Jackson i Clarksville. Impamvu iduteye kwimurira amateraniro kwa Mwenedata Ruddell, ni uko ari hafi yacu kandi dushobora - kandi twatekereje ko mwajyaga kubibona mu buryo buruseho koroha. Rero, tuzabyitaho mu buryo runaka. Kandi mube muhamirijwe ko muzaba mwinjije bariya bantu bazabatizwa ejo, kandi niringiye ko hazaba hari ijana cyangwa magana abiri bashya baziyongera kuri abo bazabatizwa ejo. Noneho, ejo nimugoroba…

4 Sinkunze gutangaza mbere y'igihe icyo nzavugaho, ariko, umugoroba umwe cyangwa igihe kimwe mu materaniro, nifuzaga kuvuga ku mutwe w'ikibwiriza "Uwo Melikisedeki ni muntu ki?" Kuko ari - umutwe - ntekereza ko turi mu gihe ayo mahishurwa yagiye agibwaho impaka uko ibisekuru byagiye biha ibindi ku mutwe wa "Uwo Mugabo ni muntu ki?"… Kandi ntekereza ko Imana ifite igisubizo cyo kumenya Uwo Yari We. Bamwe bavuze bati: "Ubutambyi." Abandi bavuze bati: "Umwami." Abandi… ariko hagomba kuboneka…

Igihe cyose hazaba hari ikibazo, hagomba kuboneka igisubizo kiboneye kuri icyo kibazo. Nta kibazo gishobora kubaho hatabanje kubaho igisubizo cyacyo.

5 Noneho, dufite icyizere ko Imana iri buduhe umugisha, muri uyu mugoroba, mu Ijambo Ryayo mu gihe turisoma.

Kandi mwabonye… Billy yansabye kubabwira ko ari nta gushidikanya mwabonye ubufatanye bwiza hano hamwe n'abantu, bakoreraga muri parikingi, polisi n'ibindi. Komereza aho, ni byiza cyane.

Twiringiye kubona igihe - wenda mu gihe cya vuba - aho wenda tuzashobora kuzana ihema hano mu murwa no kurishinga hano mu kibuga cya baseball, aho tuzashobora kuguma igihe kimwe, wenda ku bw'ububyutse bw'ibyumweru bitatu cyangwa bine, ari nta guhagarara. Kandi hano, tukimara kumenyana hagati yacu bihita bitubera ngombwa gusezeranaho maze tugatandukana. Ariko nifuzaga kuza maze tukagumana, mu gihe cy'urugendo rurerure, igihe tuzashobora kugumana ku buryo bitatubera ngombwa gusoza mu ijoro rimwe cyangwa abiri, Ahubwo aho tuguma gusa maze tukigisha amanywa n'ijoro, amanywa n'ijoro, bityobityo. Wenda hari uri butahe kugaburira inkoko, gukama inka maze akazagaruka mu cyumweru gikurikiyeho ngo akomeze amateraniro. Ndabikunda ibyo. Rero, Uwiteka abane na mwe.

6 Noneho, mbere y'uko ngenda, wenda kucyumweru mugitondo cyangwa nimugoroba - cyangwa ikindi nk'icyo - amwe muri ayo materaniro, nzi ko mutegereje mwese kumva Ubutumwa ku Kuri burebana no "Gushakana no Gutandukana" akaba ari kimwe mu bibazo by'ingutu bya none. Kandi nk'uko mpagaze hano, nizera ko igisubizo kiboneye kiri mu Ijambo ry'Imana kandi nizera ko ari yo mpamvu nasezeranye kuzagaruka.

Kandi ndakeka - mbizi - uko mbizi, nifuzaga kuyobora andi materaniro hano i Jeffersonville, kucyumweru cya Pasika kandi tuzagira… ku bw'amateraniro y'Izuba rirashe hanyuma… ku bwo kucyumweru wa Pasika. Rero, tuzabitangaza mbere maze wenda tuzagerageze kubona cya cyumba, niba bishoboka, cyangwa ahantu hamwe ku bwo kucyumweru, wenda tuzaza kuwagatandatu cyangwa kucyumweru. Ngomba gufata indege ngo ngende kandi ntahe kuko igihe kiri bugufi… Ngomba kubanza guhangara ibyo na gahunda mfite hamwe n'imwe mu nzira zanjye muri California. Hanyuma, mu kanya gato nyuma y'ibyo, bizambera ngombwa kujya muri Afurika. Rero, tugumane ubusabane hagati yacu kandi mudusengere.

7 Noneho, muri uyu mugoroba, nifuzaga kubakangurira umugabane w'Ijambo ry'Imana uri muri Luka 4 mu murongo wa 16; tugiye gutangira, ni Yesu uvuga ati:

*"… Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye."*

Noneho, twifuzaga, uhereye kuri ibyo, umwanzuro ku buryo Ijambo ry'Imana ari irinyembaraga! Noneho, dushobora twese kwishushaniriza umubiri (mekanike), ariko ukeneye Imbaraga (Dinamike) zo kuwukoresha.

Dushobora kwishushaniriza mekanike y'imashini, y'imodoka, ariko hanyuma hagomba, kuboneka imbaraga zo gukoresha imitende no kuyikaraga.

Noneho, Yesu yari yatashye i - i Nazareti, hariya Yari yarakuriye. Wigiye kure, hano mu Byanditswe, dusanga baravugaga bati: *"Twumvise ko Wakoze ibi na biriya i Kaperinawumu, noneho bitwereke hano mu gihugu Cyawe Bwite."*

Yesu yavuze ati: *"Umuhanuzi ntabura icyubahiro, keretse mu gihugu cye bwite."* Kandi mu bisanzwe, ni aho wakuriye n'aho uzwi. Kandi buriya, mu gutangira, Yari azwi nabi cyane ko ari nta se wo mu isi Yagiraga. Yafatwaga *nk'umwana w'ikinyendaro* kuko Mariya yari yarasamye inda mbere y'uko ashyingiranwa na Yozefu mu buryo bwemewe n'amategeko. Ariko si ko bimeze, tuzi ko atari ko bimeze.

8 Kandi ku birebana n'iki Cyanditswe, icyanteye kunagayo akajisho, ni ikintu cyabereye vuba aha i Phoenix (soma Finigisi), muri Arizona. Hari ku munsi wa nyuma w'amateraniro aho nagombaga kuvuga mu Giterane Mpuzamahanga cy'Abakozi b'Ubutumwa Bwuzuye.

Kandi muri icyo Giterane, hamwe na twe, umutumirwa umwe wari umwepisikopi w'umugatolika, uri… ubarizwa mu Idini Gatolika rya Gitumwa rigendera ku mihango ya gikarudaya; Reverandi wa Cyane John S. Stanley, O.S.D. ni we arikiyepisikopi ukomeye (metropolitain) w'idini gatolika rya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Ni byo byari byanditse ku ikarita imuranga mu by'inshingano, n'aho abarizwa.

Kandi yari umutumirwa w'Abakozi ba Gikristo kandi nari naraye mpamubonye. Kandi mu gihe navugaga, kuwagatandatu nimugoroba, nizera ko byari ibyo, cyangwa kuwagatandatu mugitondo ku ifunguro rya mugitondo kandi nda-… Mu gihe navugaga, yakomezaga kundeba. Nibwira nti: "Nta gushidikanya ko uriya muntu ariho ahinyura ibyo mvuga." Kandi murabizi, mwashoboraga gusa kumubona; yakomezaga kuzunguza umutwe awuvana hejuru anawumanura, ariko ntamenya by'ukuri ibyamuberagamo.

9 Rero, kucyumweru ku gicamunsi, ubwo nahagurutswaga no kuvuga, nari ngiye gufata igisomwa cyanjye ku **"Ibise byo kuramukwa"**-aho Yesu yavuze ko nk'uko umugore utwite, mu murimo, ari mu

murimo wo kubyara. Nari ngiye kuvuga "Ibise byo kuramukwa; n'umutwe w'ikibwiriza maze ngahera aho, mvuga ko isi noneho iri mu bise byo kuramukwa. Ibya kera bigomba kubura kugira ngo ibishya bivuke; neza nk'uko imbuto igomba kubora kugira ngo ibyare ubuzima bushya."

Mbega ibise, ibise byo kuramukwa byakubise isi! Igihe cy'intambara yambere y'isi, isi yagize ibise biteye ubwoba kuko bari bafite ibyuka by'uburozi n'ibindi byashoboraga kuba byayirimbura. Ntiyaba igishobora kwihanganira ibindi bise byo kuramukwa. N'ibyo bisasu bya kirimbuzi n'ibindi, none, indi ntambara y'inyongera izayitumbagiza mu kirere, kuko igiye kubaturwa noneho kandi hazabaho Isi Nshya. Bibiliya ivuga ko izabaho.

Munsi y'Ubutumwa bwa buri muhanuzi, Isirayeli yari ifite ibise byo kuramukwa kuko bariya bahanuzi bahingukaga nyuma y'aho abanyatewolojiya n'abanyedini bamariye kuroha itorero mu ishusho y'idini. Kandi ubwo abo bahanuzi bahingukanaga "NI KO UWITEKA AVUZE", banyeganyezaga ayo madini maze na yo akagira ibise byo kuramukwa. Hanyuma, yagiraga ibise byo kuramukwa bitatuzaga kandi byagendaga birushaho kumubabaza kugeza ubwo abyaye Umwana w'Umuhungu w'Ubutumwa Bwiza wari Ijambo Ubwaryo ryiyambitse umubiri.

10 Rero, bundi bushya, itorero by'ukuri rifite ibise byo kuramukwa, muri uyu mugoroba, ngo ribyare Umwana - Umwana w'Imana ugarutse. Abanyatewolojiya bacu bose, imikorere yacu yose, amadini yacu yose yaboreye munsi y'ibirenge byacu. Rero, turi mu bise byo kuramukwa. Kandi Ubutumwa bw'Imana buhora bujugunya itorero mu bise birushijeho kubabaza; ariko mu gihe gito, rigiye kubyara Umugeni. Ibyo bizatera Umugeni kubyara Yesu Kristo.

Rero, natekerezaga ko uwo muntu atavugaga rumwe na njye mu buryo bwose. Ubwo nahagurukaga ngo mvuge ubu Butumwa, nabumbuye Bibiliya yanjye ngo ndebe urupapuro.

Kandi umugore wanjye yari amaze kumpa Bibiliya nshya ho impano ya Noheli. Bibiliya ishaje yanjye ifite imyaka ikabakaba cumi n'itanu kandi imeze nk'iyashwanyaguritse. Impapuro zaragurukaga uko nabaga nyibumbuye. Kandi, uretse ko nari nzi aho nsanga buri rupapuro rw'Ibyanditswe, natangiye kwiga nitonze muri iriya Bibiliya. Kandi nafashe Inshya nk'uko Indi yari ikabije gushwanyagurika byo kuba ntayizana mu rusengero.

11 Kandi ubwo natangiraga gushakisha muri Yohana Wera, ahari iyo mirongo y'Ibyanditswe, natangiye gusoma igice cya 16 kandi umurongo nashakaga ntawari urimo. Rero, nibwira nti: "Ntibisanzwe!" Nahinduye impapuro indi ncuro, ntabyari bihari.

Kandi Mwenedata Jack Moore w'i Shreveport, muri Louisiane, w'incuti yanjye magara, yari yicaye aho. Nabajije nti: "Mwenedata Jack, ibyo ntibiri muri Yohana Wera 16?"

Avuga ati: "Yego."

Kandi uwo mupadiri w'umugatolika yahagurutse ku ntebe ye, hagati mu ijana ry'abagaragu b'Imana bicaye ku gicaniro, aranyegera, yambaye amakanzu ye, umusaraba n'ibindi, hanyuma ampagarara iruhande.

Maze avuga ati: "Mwana wanjye, tuza. Imana yiteguriye kugira icyo ikora."

Ntekereza nti: "Umupadiri w'umugatolika kumbwira ikintu nk'iki!"

Avuga ati: "Bisome mu Gitabo cyanjye."

Maze nsoma iyo mirongo y'Ibyanditswe mu Gitabo cye, hanyuma mvanamo igisomwa cyanjye maze nkomeza kujya mbere; mbwiriza ikibwiriza cyanjye.

Byatinze, nyuma y'aho amateraniro ahumurije, yarahagurutse, nyuma y'aho ngendeye, yaje kuvuga ati: "Hari ikintu kimwe kigomba gusohora nyuma y'ibyo: itorero rigomba gusohoka mu mwanda ririmo, cyangwa akaba ari twe dusohoka mu mwanda itorero ririmo." Rero, ni kimwe cyangwa ikindi.

12 Kandi, nari mu nzira njya iwanjye, nsubira i Tucson, kuri uwo mugoroba. Abana bashakaga umugati wa sanduwici maze mpagarikwa no kubagurira sanduwici ku gasantere k'ubucuruzi. Hanyuma umugore wanjye ambwira ati: "Bill, nta gihe nigeze kugira umushiha mu buzima bwanjye nk'igihe nakurebaga uhuzagurika muri iriya Bibiliya." Avuga ati: "Ntibyaba byaguteye umushiha?"

Mvuga nti: "Oya! Nari nzi ko hari aho biri mo imbere. Gusa urwo rupapuro nta rwo bashyizemo. Ni ikosa ry'icapiro."

Maze arakomeza ati: "Kuvuga ko ari njye wagushakiye iyo Bibiliya! Numvaga uko warebagamo ari njye watumbiraga."

Hanyuma mvuga nti: "Oya, si ikosa ryawe. Ryari ikosa ry'icapiro muri Bibiliya. Urwo rupapuro byonyine ntarwo bashyizemo."

Sawa! Ntangira kuyisuzuma bundi bushya, Yari iboneye uko bishoboka usibye ko igice cya 16 gisozwa igice cy'icyo gice - neza nko muri santimetero munani uturutse ku ruhande rumwe, bikagenda bikagera ku gice cya 17, ku rundi ruhande, bimwe. Kandi nk'uko yari Bibiliya nshya, izo mpapuro zombi zari zarafatanye neza neza ku buryo nasomaga igice cya 17 mu cyimbo cy'icya 16. Namubwiye nti: *"Mu by'ukuri, ni byiza cyane. Byari bitewe n'impamvu runaka."*

13 Kandi nk'uko ushobora kumva irindi jwi ryose, Ijwi ryaje aho ndi maze rivuga riti: ""Yinjira i Nazareti, aho Yari yararerewe hanyuma Yinjira mu isinagogi nk'uko umugenzo wabo wabiteganyaga. Maze umutambyi amuha Ibyanditswe ngo Asome hanyuma Asoma Yesaya 61. Kandi Amaze gusoma Ibyanditswe, Aricara, Asubiza Bibiliya - Igitabo umutambyi hanyuma Aricara. Kandi amaso y'iteraniro yose ni We yari atumbiriye, kandi Amagambo y'agaciro yavaga mu kanwa Ke maze Avuga ati:

> *"Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye."*

Mbega uburyo Icyanditswe kidasobwa! Niba mubibona muri Yesaya 61: 1-2, ni ho Umwami wacu yari yasomye uhereye kuri Yesaya 61:1-2. Ariko hagati mu murongo wa Yesaya 61, Yahagaze ahanditse hati:

> *"Mwuka w'Uwiteka ari kuri Njye ngo Ntangaze umwaka Uwiteka agiriyemo imbabazi",*

maze Arahagarara. Kubera iki? Ikindi gice, *"kuzana urubanza"*, ntibyarebanaga no Kuza Kwe kwa mbere, Ahubwo Ukuza Kwe kwa kabiri! Murabona, ntibyarebanaga n'icyo gihe. Yoo! Mbega uburyo Ibyanditswe bidateze kugira ubwo bisobwa! Bihora biboneye. Yesu yagarukiye neza neza aho Icyanditswe cyagarukiraga kuko ari byo neza neza byagombaga guhamirizwa mu gihe Cye, mu by'ukuri, mu gihe cy'uko Kuza kwa mbere. Mu Kuza kwa kabiri, Azazana urubanza mu isi; ariko si muri kiriya gihe. Yagombaga "gutangaza umwaka w'imbabazi".

14 Itegereze Mesiya ahagaze ku gicaniro Yishushanya n'Ijambo ryasezeranywe rya kiriya gihe. Mbega uburyo ari ibidasanzwe! Mesiya ahagaze imbere y'iteraniro! Kandi mwumve ayo Magambo y'agaciro, ubwo Yavugaga hano ati: "Ngo Ntangaze umwaka w'imbabazi".

Umwaka w'imbabazi, nk'uko tubizi twese, nk'abasomyi ba Bibiliya, wabaga ari umwaka wa Yubili. Cyabaga ari igihe abacakara bose n'imfungwa zose, nk'uko babaga baragizwe imfungwa; bagombaga gutanga umwana w'umuhungu cyangwa w'umukobwa wo kwishyura umwenda, [Ahatagira ijwi kuri bande.-U.I.] kandi babaga bari mu bucakara. Igihe baba baramaze mu bucakara cyose cyangwa icyo bakagombye kubumaramo cyose, iyo umwaka wa yubili wageraga, iyo impanda yavugaga, umuntu wese yashoboraga kubona umudendezo iyo yabaga abishatse. [Ahatagira ijwi kuri bande.-U.I.] Ufite umudendezo. Ntukiri umucakara.

Ariko niba wifuzaga kuguma uri umucakara, icyo gihe bagombaga kukujyana mu rusengero, ugahagarara iruhande rw'inkingi yo mu rusengero maze bagafata icyuma bakakigupfumuza ugutwi, hanyuma ukaba ubaye umucakara wa shobuja ubuzima bwawe bwose.

15 Mbega urugero rutunganye rw'Ubutumwa Bwiza bwa Yesu Kristo! Iyo Abwirijwe, ni igihe cy'imbabazi n'igihe cya Yubili kuri bose, uwo waba uri we wese, ibara ry'uruhu waba ufite ryose, idini waba ubarizwamo ryose, uko waba waraguye mu cyaha kose cyangwa icyaba kitagenda muri wowe, ushobora kubona umudendezo iyo wumvise impanda y'Ubutumwa Bwiza ivuze. Ufite umudendezo!

Ariko iyo Ubutumwa ubuteye umugongo maze ukanga kubutega amatwi, umva neza, bagupfumuzaga ugutwi icyuma. Bishaka kuvuga ko wabaga warenze urubibi ruri hagati y'imbabazi n'urubanza maze ukaba utagiteze kuzumva Ubutumwa bwiza! Ntugiteze gutera imbere. Ugomba kuzaguma uri umucakara w'iyo mikorere urimo, ubuzima bwawe bwose, niba wanze kumva umwaka w'imbabazi.

Noneho, ikindi gice cy'ibyo, nk'uko nabivuze, ntibyari ngombwa ko gikoreshwa kuko uwo Mesiya uje - ari muri iki gihe Agiye kuzana urubanza.

16 Noneho, ni gute bariya bantu bananiwe kubona Uwo Yari We? Ni gute babicitswe? Byashobotse bite, mu gihe byari bigaragajwe kandi byerekanwe mu mucyo? Ni gute bananiwe kubona? Ubwo Ya-…

Mbega Ijambo! Mubitekerezeho! "Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu!" Ni nde wavuze ibyo? Imana Ubwayo, Yo musobanuzi w'Ijambo Ryayo Bwite. "Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye." Mesiya Ubwe, uhagaze imbere y'iteraniro kandi Usoma Ijambo rya Bibiliya rimureba, hanyuma Avuga ati: "Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye." Kandi bahora bananirwa kubona ibyo.

Mbega ishyano ryaguye kiriya gihe! Nyamara, byarasohoye. Byasohoye incuro nyinshi. Ni gute byasohoye? Nta gushidikanya, nk'uko byasohoye ku zindi ncuro, bizera ibisobanuro bya kimuntu by'Ijambo ry'Imana. Ni cyo cyabiteye. Abizera ba kiriya gihe, ziriya ngirwabizera zemeraga ibisobanuro padiri yabaga yatanze ku Cyanditswe. Ku bw'ibyo, nk'uko Yesu ari nta na dini ryabo na rimwe yabarizwagamo, habe no mu ishyirahamwe ryabo na rimwe, bamucitseho.

Kandi ku bw'ibyo, ntibashoboraga kumwibonamo kuko Yari atandukanye na bo. Umuntu Yesu Kristo

yari yihariye cyane ku buryo ari nta muntu wakagombye kutabona ko Yari Umwana w'Imana, kuko Yari ishusho itunganye y'Icyanditswe cyamwanditsweho.

Ni icyo tumenyeraho Umukristo, iyo ubuzima bwe buhamanya n'icyo yakagombye gukora.

17 Nk'uko Yashoboraga guhagarara hariya maze Akavuga ati: "Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu!" Mbega uburyo bitihishiraga! Mbega uburyo byagaragariraga buri wese! Kandi nyamara, bariya bantu ntibasobanukirwaga. Kubera iki? Ni uko bari barakiriye ibisobanuro by'itsinda runaka ry'abatambyi bategaga amatwi.

Kandi amateka ahora yisubiramo. Kandi Icyanditswe kimwe kigira ibisobanuro byinshi n'amahishurwa menshi!

Nk'uko, urugero, handitswe muri Bibiliya ngo: "Nahamagaye Umwana Wanjye ngo Ave mu Egiputa", dufatira kuri Yesu. Murebe ahagana hasi, ku birebana n'ibyo, kandi muri bubone ko icyo Cyanditswe kimwe cyavugaga no kuri Yakobo. Yesu yari Umwana Wayo w'ikirenga. Yakobo yari umwana Wayo yahamagaye ngo ave mu Egiputa, icyo ishakiro rya Scofield n'andi mashakiro yose kuko ari cyo Cyanditswe ibyo byarebaga. Rero icyo cyakoreshwaga habiri: cyarebaga Yakobo wari warahamagariwe "gusohoka" na Yesu wari warahamagariwe "gusohoka".

Kandi ni bimwe na none! Ni uko turi mu gihirahiro nk'icyo turimo kandi ni uko hariho ibisobanuro bya kimuntu byinshi by'Ijambo ry'Imana ku buryo abantu bananirwa kubona Ukuri kw'Imana. Nta muntu Imana ikeneye wo gusobanura Ijambo Ryayo! Ni Yo iryisobanurira.

18 Kera na kare Imana yavuze iti: "Habeho umucyo", maze umucyo ubaho. Ibyo nta bisobanuro bikeneye.

Yavuze iti: "Umwari azasama inda", maze arasama. Ibyo nta bisobanuro na busa bikeneye.

Ubwo… Ibisobanuro Imana iha Ijambo Ryayo, ni iyo Ihamije kandi Igahamya ko ari uko Riri! Icyo ni cyo gisobanuro Cyaryo, ni ugusohoza icyo! Icyo igisobanuro cy'Imana ari cyo, ni iyo Ishohoje Ijambo Ryayo; Irarigusobanurira.

Ni nk'iyo hatigeze habaho umucyo maze Ikavuga iti: "Habeho umucyo", maze ukabaho; si ngombwa ko hagira urisobanura.

Ahubwo twarivanze n'imikorere ya kimuntu, kandi iyo ukoze ibyo, ukura icyo Kintu mu murongo. Ni uko byahoze.

19 Ariko mpora ntekereza ku buryo byabereye ibyo ngombwa gukangura abantu. Mubitekerezeho: Mesiya! Kuki batamumenye? Ni uko abayobozi babo ubwabo bakagombye kumumenya, bakagombye kuba bazi neza Ibyanditswe, abakagombye kuba basobanukiwe Ibyanditswe basuzuguraga uwo Mugabo bavuga bati: "ni n'ikinyendaro." Nta We tuzizera.

Nyuma y'imyaka itari mike… nta We tuzizera - twapfa tuzize kuvuga ko Yari Umwana wavutse ku mwari!

Kandi igihe kizagera, ibyo tubona Yehova akora none, abantu mu bihe bizaza, niba bahari, bazicwa n'icyo tuvuga none! Bizakubera ngombwa kubikora ubwo ikimenyetso cy'inyamaswa kizaza maze ukazaba utacyemerewe kubwiriza Ubutumwa Bwiza muri ubu buryo. Ubwo ya mpuzamadini ikomeye iziteraniriza hamwe, ikiriho cyikora none aha ku bw'idini ry'isi yose, bizakubera ngombwa gutanga ubuzima bwawe kubera Iki.

20 Ugomba kumwizera noneho. Niba bariya batambyi barashoboraga kuzura abapfuye, abari bamuciriyeho iteka, ntibajyaga kuba bakirimuciriyeho. Uvuga uti: "Ariko iyo mba narabayeho muri kiriya gihe, nakabaye narakoze iki na kiriya." Mu by'ukuri! Kiriya nticyari igihe cyawe, Ahubwo iki ni cyo gihe cyawe! Iki ni cyo gihe! Uvuga uti: "Mu by'ukuri, iyo Ajya kuba hano!"

Bibiliya ivuga iti: "Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose"; Wawundi, ni ko Ari hano! Ariko - Ari hano! Nk'uko isi yateye imbere, ikaba yararushijeho gukomera no kwiga, Ari hano mu ishusho ya Mwuka batashobora kwica. Yapfuye rimwe; ntashobora kongera gupfa. Byamubereye ngombwa kwambara umubiri kugira ngo Imana ibashe kwicirwa mu mubiri kubera icyaha. Ariko kuri ubu, ntishobora gupfa, ni Mwuka Wera.

21 Noneho, gutekereza ko bari bafite ibirego bamushinja! Ikindi, ni uko ari nta dini ryabo na rimwe Yisungaga. Rero, urabona ko ibyo byatumaga bahora bamufata nk'umuntu mubi. Ntiyisungaga amadini yabo, Ntiyisungaga ubutambyi bwabo kandi nta ho Yari ahuriye na byo. Hanyuma, ikirenzeho, Yageragezaga gusenya ibyo bari barubatse.

Yinjiye mu rusengero. Tuvuga ko Ari Umuntu witonda; ni ko Yari ari, ariko akenshi ntidusobanukirwa

icyo ukwitonda bisobanura.

Yari Umuntu ubabarana n'abababaye, kandi nyamara hari ubwo tunanirwa gusobanukirwa icyo “kubabarana n'abababaye” ari cyo. Kugira imbabazi bya kimuntu si ukubabarana n'abababaye, Ahubwo kubabarana n'abababaye ni ugukora Ubushake bw'Imana.

Anyura iruhande rw'ikidendezi cy'i Betesida - Anyuze mu irembo; abantu bari baryamye aho, benshi muri bo. “Benshi” si umubare uzwi. Ariko abantu benshi bari baryamye aho -abacumbagira, impumyi, abacitse amaguru, abamugaye. Kandi We yababaranaga n'abababaye. Maze Ajya ahari umuntu umwe rukumbi utaracumbagiraga, utarahumye, utari yaracitse ukuguru, utaranamugaye. Wenda yari arwaye porositate gusa; wenda yari afite ubumuga bworoheje runaka bwari bwaramutinzeho. Yari abumaranye imyaka mirongo itatu n'umunani. Ntibyajyaga kumutesha umutwe, ntibyajyaga kumwica. Yari aryamye mu ngobyi. Hanyuma Amubaza ati: “Waba ushaka gukira?”

Maze uwo mugabo amusubiza ati: “Nabuze umuntu wanaga mu mazi, Ahubwo iyo ngiye gutera agatambwe, mu by'ukuri, undi ahita antangamo.” Murabona, yashoboraga kugenda, yashoboraga kubona, yashoboraga kugira aho ajya, Ahubwo yari afite intege nke gusa.

Hanyuma Yesu amubwira ati: “Haguruka! Fata uburiri bwawe maze utahe!” kandi bari babajije Yesu kuri ibyo, kuko, wibuke, bivugwa n'Ibyanditswe.

22 Nta bwo bitangaje! Iyo aba Yari aje i Jeffersonville muri uyu mugoroba maze Agasohoza umurimo nk'uriya bagakomeje kumuvuga.

Ahubwo mwibuke, Yari yarazanywe no gusohoza ikintu kimwe, cyari Ubushake bw'Imana. Noneho, ibyo biri muri Yohana 5:19, muzabona igisubizo. Yavuze ati:

> *“Ni ukuri, ni ukuri, Ndabibabwiye, Umwana nta cyo yashobora gukora ku Bwe, Ahubwo icyo Abonana Se, ni cyo Umwana akora.”*

Noneho, bakagombye kumenya ko ibyo byari uguhamirizwa k'ubuhanuzi bwa Mose:

> *“Kuko Uwiteka, Imana yanyu, izabahagurukiriza Umuhanuzi umeze nka njye.”*

Mwaba mwabonye ko ubwo Yabonaga uwo muntu, Yavuze… Yesu yari azi ko yari yarabaye atyo igihe gikabije kuba kirekire. Murabona, We, nk'Umuhanuzi, Yari yabonye uwo muntu ameze kuriya maze Ajyayo hanyuma Yicira - Yicira inzira rwagati mu bantu, Anyura mu ruvunganzoka kugeza ubwo Ageze kuri uwo muntu.

Aca ku bacumbagira, abacitse amaguru, impumyi n'abamugaye, nyamara Yari Umuntu wuzuye “ukubabarana n'abababaye”, ariko ukubabarana n'abababaye ni ugukora Ubushake bw'Imana.

23 Noneho, tumubona - nk'uko Atabisungagaga, nta ho Yari ahuriye na gahunda zabo, rero bari baramuhaye akato. Nta ho Yari…

Ikigeretse kuri ibyo, igihe kimwe Ajya mu rusengero. Umugabo umwe arahinjira asanga inzu y'Imana yanduye cyane byenda kungana n'ibya none. Baraguraga, bagurisha, bavunja amafaranga; maze Yubika ameza y'abavunjayi, hanyuma afata imigozi, aboha ikiboko, maze Yirukana mu rusengero abavunjaga amafaranga abakubita, kandi Abarebana uburakari hanyuma Avuga ati: “Handitswe ngo (Haleluya), Inzu ya Data ni inzu yo gusengerwamo none mwayihinduye isenga ry'abambuzi! Kandi mwebwe, binyuze mu mihango yanyu, Ijambo ry'Imana mwarihinduye ubusa.”

Yoo! Mbese itsinda nka ririya ryari riteze kuzamwizera? Oya, Mugabo! Bari bivuruguse cyane, nk'ingurube, mu cyondo cy'amashyirahamwe no mu mwanda w'igihe, bakaba bari barahindutse imikonjera y'idini ku buryo batashoboraga kumva ugutigita kw'imbaraga z'Imana Ishoborabyose! Ntibitangaje ko wa mugore yabashije gukora umwambaro We maze agakira abikesha ibyo hanyuma umusirikare wasinze akamucira mu maso atumvise akabaraga na gake! Biterwa n'uburyo ubyegera. Biterwa n'icyo ushaka. Iyo ugiye ku rusengero, biterwa n'icyo ushaka.

24 Noneho, turamubona ahagaze hariya. Nta gushidikanya ko abantu bari bamaze kuburirwa kuri We - bari baburiwe - umutambyi yari yamaze kuburira abantu ati: “Noneho, Azaza hano ku isabato itaha kandi ni Ahagera, mwe kuzamutega amtwi. Noneho, muzashobora kujya kwicara hariya, ariko mwe kuzita ku byo Avuga kuko Atabarizwa mu itsinda ryacu. Twamuhaye akato. Nta karita y'umunyamuryango afite. Nta n'urupapuro rw'idini agira. Nta gisa n'icyo Agira.”

“Ni Muntu ki?”

“Umuhungu usanzwe wayobye wavukiye hano nk'ikinyendaro mu rugo rw'umubaji - nyina akaba yaramusamye mbere y'uko ashakana n'umugabo we hanyuma bakagerageza kubihishahisha inyuma y'ikidasanzwe.”

Tuzi ko igihe Mesiya azazira, Azamanuka amayira y'Ijuru maze Azajye kwa mutambyi wacu mukuru hanyuma Avuge ati: "Ndi hano, Kayafa." Ahubwo tubona ko Atabikoze muri ubwo buryo kuko atari ko byari byanditse mu Ijambo. Yari imihango y'abantu yabateye kubyizera.

Ijambo ryari ryaravuze ko Yajyaga kuza neza neza mu buryo Yajemo! Kandi Yahagaze hariya, Asoma Ijambo maze Ababwira ati: "Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu." Kandi nta gihe batananiwe kumubona cyangwa kumumenya, nk'uko babigenje mu bindi bisekuru byose.

25 Nowa yashoboraga kuba yaravuze bimwe ubwo yinjiraga inkuge maze urugi rugakingwa. Nowa yashoboraga kuba yarakinguye iryo dirishya mu gasongero k'inkuge, no kunaga akajisho hanze ku iteraniro… Mubyibuke, Imana ni Yo yari yakinze inkuge. Kandi yashoboraga kuba yaravuze ati: "Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu!" Ariko icyo gihe byari byamaze kubabera impitagihe. Yari yarababwirije igihe cy'imyaka ijana na makumyabiri agerageza kubinjiza muri iyo nkuge yari yarubatse, ababwira ko Icyanditswe cyavuze kiti: "NI KO UWITEKA AVUZE, imvura igiye kuzagwa", ariko bari barategereje bararambirwa. Ariko Nowa yashoboraga byoroshye kuvuga ati: "Uyu munsi, none, Icyanditswe kirasohoye."

Mose, igihe ya Nkingi y'Umuriro yamanukiraga ku Musozi wa Sinayi ikanahamiriza ubuhamya bwe, Mose yashoboraga kuba yaravuze ati: "Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye."

Mose, murabizi, yari umuntu wahamagawe n'Imana, umuhanuzi. Kandi nk'uwahamagawe - nk'umuhanuzi, yagombaga kugira umwitozo w'ibidasanzwe. Kugira ngo abe umuhanuzi, yagombaga guhura n'Imana imbonankubone maze bakavugana. Kandi ikindi, icyo yavugaga cyagombaga gusohora bitaba ibyo ntihagire umwizera.

Rero, nta n'umwe ufite uburenganzira bwo kwitwa umuhanuzi, kugeza ubwo avuganye n'Imana imbonankubone, mu gice cy'inyuma cy'ubutayu, ahantu runaka, aho yahuriye n'Imana ubwe! Kandi abatemera ko Imana ibaho bo mu isi bose ntibashoboraga kubimukuramo; yari aho kandi azi ko byari byarabaye. Umukristo wese yakagombye kuba afite uwo mwitozo mbere yo kugira icyo avuga cyose cyo kuba Umukristo - umwitozo wawe bwite!

26 Mu kanya gashize, navuganaga n'umuhungu wacu, umusore w'umugatolika, wavugaga ati: "Data wacu Bill, nakubise hirya nkubita hino, njya hose ngerageza kugira icyo nabona!" ijoro nyuma y'ijoro, mbere y'uko aya materaniro atangira, arira. Kandi muri iryo joro, yarose yinjira, yiruka, yirukira ku gicaniro aho babwirizaga maze yatura kuba umunyabyaha.

Mvuga nti: "Melvin, aho ugerageza kujya hose, umubare w'insengero ugerageza kujyamo wose, umubare wa 'Ndakuramutsa Mariya' uvuga cyangwa umubare w'imigisha uhabwa n'umuntu, ugomba kuvuka ubwa kabiri ubyawe na Mwuka w'Imana! Ni cyo kintu rukumbi kizanyura umutima wa muntu."

Nzi ko none bafite igisimbura cyo kuvuka ubwa kabiri, bakora gusa mu ntoke z'umubwirizabutumwa hanyuma bakandika izina ryawe mu gitabo. Ahubwo, ncuti zanjye, iryo ni ihame. Si Ukuri kwa Bibiliya. Iyo bijya kuba Ukuri, Ibyakozwe n'Intumwa, mu gice cya 2, hajyaga gusomwa hatya: "Ubwo umunsi wa Pantekote wasohoraga, pasitori yateye agatambwe maze akora abantu mu ntoke."

Ahubwo handitswe ngo: "Ubwo umunsi wa Pantekote wasohoraga", mu itangira ry'Itorero, "Umuriri umeze nk'umuyaga uhuha cyane wabatunguye uvuye mu Ijuru maze wuzura inzu bari bicayemo". Uko ni ko Mwuka Wera yaje bwa mbere. Uhereye icyo gihe, nta bundi buryo Azamo uretse ubw'ibihe byose! Ni Imana kandi Ntihinduka. Noneho, ibyo bisitaza abantu. Bavuga bati: "Ibyo byari iby'ikindi gisekuru."

27 Mu by'ukuri! Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose. Uko Itorero ryagiye ryakira Mwuka Wera, Yakomeje kuza mu buryo Yajemo bwa mbere, mu buryo bumwe: Ibyakozwe n'Intumwa 2:38; Ntiyigeze ihinduka kandi Ntibiteze.

Ni nk'urwandiko rw'imiti rwanditswe na muganga; azandika imiti yo kurimbura indwara, muganga azabikora. Kandi ni ushyira urwo rwandiko umucuruzi w'imiti wa magendo, kandi ni ataguha urugero ruhagije, nta cyo bizakumarira. Ni arenza urugero, bizakwica. Agomba kuguha urugero rushyitse nk'uko biba byagenwe na muganga.

Kandi urwandiko rwa Muganga ku buryo bwo kwakira Mwuka Wera rwatanzwe na Dogiteri Simoni Petero, ku munsi wa Pantekote. Ngiye kubaha urwandiko rw'umuti ari rwo rw'uru: "Nimwihane, umuntu wese muri mwe, maze mubatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu kandi muzahabwe iyi Mpano ya Mwuka Wera. Kuko Urwandiko ari urw'abari kure, abo Umwami Imana yacu izahamagara bose!" Urwandiko rw'Iteka.

28 Mose yari yaragize uwo mwitozo. Yaramanutse, yinjira mu gihugu maze atangira kubwira abantu ati: "Nahuye n'Inkingi y'Umuriro. Yari iri mu gihuru cyaka umuriro maze Intuma kubabwira ngo: 'NDI UWO NDI WE. Manuka, Nzabana na we. Fata iyi nkoni mu kiganza maze uyitambike hejuru ya Egiputa; icyo uzasaba cyose kizasohora!'" Mu by'ukuri! Birashoboka ko padiri yavuze ati: "Ubugoryi!"

Ariko ubwo babonaga habaho ibifatika, ntibashoboye kubyihanganira igihe kirekire. Bamenye ko yari yoherejwe n'Imana.

Rero, niba Mose yari yaravuze ko yari yarabonye ibyo, kandi niba yari yaratanze ubuhamya ko ibyo byari iby'Ukuri, rero Imana yari ihaswe, niba ibyo byari iby'Ukuri - kubishushanya no guhamiriza Ijambo ry'uriya mugabo nk'Ukuri. Ni ukuri.

Kiriya gihe, niba Yesu Kristo yarahagaze hariya maze Agasoma ati: “Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye imbere yanyu”, Imana byayibereye ngombwa gusohoza iryo Jambo.

Muri uyu mugoroba, duhagaze hano maze tuvuga ko “Yesu Kristo uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri kandi ari ko Azahora iteka ryose”. Imana ihaswe kwerekana ko ari ko bimeze kuko ari Ijambo Ryayo. Noneho, ibyo bimaze iki? Dukeneye ukwizera ngo tubyizere. Dukeneye ukwizera ngo twizere Ijambo Ryayo, kwizera ko ari Ryo Kuri.

29 Mwitegereze ibyabaye ubwo Mose yasohoraga abana n'abari bamukurikiye bose - abatari bamukurikiye basigaye mu Egiputa. Ariko abari barakurikiye Mose - ubwo bambukiranyaga Inyanja Itukura kandi bakinjira mu butayu - Imana yamanutse Umusozi wa Sinayi. Ya Nkingi y'Umuriro ikongora uwo musozi wose maze Ijwi risohokamo, hanyuma Imana itanga ya mategeko cumi.

Mose yashoboraga gutera agatambwe imbere y'abantu ngo ababwire ati: “Uyu munsi Icyanditswe nari narababwiye, nk'umuhanuzi Wayo, kirasohoye. Nari narababwiye ko Imana twari twarahuriye hariya, mu gihuru cyaka umuriro, mu Ishusho y'Inkingi y'Umuriro kandi Ikaba Yari yaravuze iti: 'Ngiye… iki ni cyo kizakubera ikimenyetso. Uzagarura ubwoko ahangaha.'” Kandi hariya hari Imana mu ishusho y'Inkingi y'Umuriro nababwiye ko Yabagamo, Ihagaze hariya ku musozi. Uyu munsi ubu buhanuzi bwarasohoye. Ibeshejwe hano no guhamya ko ibyo nari narababwiye ari Ukuri.

Mana, duhe abantu benshi nk'uriya, b'abizerwa, b'abanyakuri kandi bavuga Ukuri, ku buryo Imana Ishoborabyose ibasha guhamya ko Ijambo Ryayo rizahora ari Ukuri! Yesu Kristo uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose. Kuki Atabikora? Yasezeranye kubikora.

30 Yoshuwa yashoboraga kuba yaravuze bimwe, ubwo yagarukaga i Kadeshi Baruneya, aho bageze bibaruhije mu rugendo rwabo mu butayu. Bashidikanyaga ko igihugu atari icyo Imana yari yarabasezeranije. Ariko Imana yari yababwiye ko cyari igihugu cyiza gitemba amata n'ubuki. Kandi, Yoshuwa na Kalebu, bombi, ni bo bonyine babyizeraga, binyuranye n'ibya bariya cumi basigaye. Ubwo bagarukaga, bari bafite igihamya; bari bafite iseri ry'inzabibu ryashoboraga gushyigurwa n'abagabo babiri b'intarumikwa.

Yoshuwa na Kalebu bashoboraga guhagarara hariya maze bakavuga bati: “Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye! Dore igihamya ko ari igihugu cyiza.” Nta shiti. Kubera iki? Hari igihamya ko ari igihugu cyiza. Ni he mwajyaga kubona ibintu nk'ibyo mu Egiputa? Nta hantu nka hariya habagaho. “Ariko uyu munsi icyo Cyanditswe kirasohoye.”

Yashoboraga kuba yaravuze bimwe ubwo yahanuraga akanavuga ko inkike za Yeriko zajyaga kuritagurika nyuma yo kuyizenguruka karindwi, iminsi irindwi, incuro ndwi za buri munsi. Kandi ubwo bayizengurukaga ku ncuro ya nyuma, inkike zararidutse! Yoshuwa yashoboraga guhagarara maze akavuga ati: “Uyu munsi, ni Umugaba Mukuru w'Ingabo z'Uwiteka wari warambwiye, mu byumweru bibiri bishize, ko byajyaga kumera bitya, uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye!” Za nkike zikomeye zari hasi. Nimuze. Tujye kuhigarurira. Ni ahacu. “Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye!”

Mbega uburyo ari byiza! Abantu b'Imana bafashe igihagararo cy'ibyiza.

31 Isirayeli, ku ruzi… bagombaga kwambuka ngo bigarurire igihugu. Bajyaga kubigenza bate? Hari mu kwezi kwa kane, imivumba imanuka kuko urubura ruba rushonga i Buyuda. Mbega ngo Imana iraba umujenerali aho babuze mu kumanura ubwoko Bwayo ngo bwambuke mu kwezi kwa kane mu gihe Yorodani iba ikabije kuzura. Rimwe na rimwe…

Nashoboraga guhagararira hano, iyo mba nari mfite igihe, ngo mbahe incamake. Rimwe na rimwe, ushobora kuba wicaranye kanseri cyangwa indi ndwara. Uribaza uti: “Kuki njye, Umukristo, merewe ntya? Kuki merewe ntya niba ndi Umukristo?” Rimwe na rimwe Imana ireka ibintu bikaba bibi cyane ku buryo usa n'ugwiriwe n'ijuru, hanyuma, Ikagucira inzira muri ibyo byose kugira ngo uzavuge uti: “Uyu munsi iki Cyanditswe Yari yarasezeranye gusohoza kiriho kirasohora.”

32 Yaretse abana b'Abaheburayo bajugunywa rwagati mu itanura rigurumana. Bavugaga bati: “Imana yacu ishobora kuturinda uyu muriro, itanura. Ariko, uko biri kose, ntituri bwubararire ikibumbano cyawe.” Barasohoka, banuka impumuro y'itanura - Ahubwo ari nta mpumuro y'itanura ibariho, bashoboraga kuvuga bati: “Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye.”

Ubwo Danyeli yavaga mu rwobo rw'intare, yashoboraga kuvuga bimwe.

Yohana Umubatiza! Nyuma y'imyaka magana ane y'inyigisho z'idini, ntibitangaje ko itorero ryabaye mu mwanda muri kiriya gihe! Ubwo yadukaga mu butayu, kuri Yorodani, yashoboraga guhagarara hariya ku nkombe nk'uko yabigenje maze akavuga ati: "Uyu munsi iki Cyanditswe, Yesaya 40, kirasohoye!"

33 Mbega ukuntu numva nahagarara hano ngo mbabwire icyo uriya mupadiri ushaje yambwiye!

Yavuze ati: "Mwana wanjye, ntiwarangije buriya Butumwa."

Mvuga nti: "Tuza."

Avuga ati: "Ushaka kuvuga ko bariya bapantekote batabibona?"

Mvuga nti: "Oya."

Avuga ati: "Njye, ndabibona."

Ibaze na we umupadiri w'Umugatolika! Ntibisanzwe!

Avuga ati: "Kuki utakomeje?"

Mvuga nti: "Tuza."

Avuga ati: "Icyubahiro kibe icy'Imana, ndabibonye."

Kandi muri ako kanya, Mwuka Wera yamanukiye mushiki we wari wicaye aho mu iteraniro maze arahaguruka, avuga mu ndimi zitazwi hanyuma asobanura ibyo njye na padiri twari tumaze kuvugira ku gicaniro. Iteraniro ryose, icyumba cyose cyumvikanisha urusaku. Ibyo byakomereje mu giterane cya Oral Roberts, mu cyumweru gishize cyangwa ikikibanziriza, kandi nta kindi bataramanaga mu giterane. Bishoboka bite ko uwo mupadiri… Wicaye munsi… Mwuka Wera yahishuye hariya, Anyuze mu mugore, ndakeka ari mushiki we, ibyaberaga hariya ku gicaniro maze Ihishura icyo kintu twahishaga!

Igihe turimo, uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye! None imicyo ya nimugoroba yaraje maze tunanirwa kubibona.

34 Mwumve na mwe!

Yohana yavuze ati: "Uyu munsi ndi Ijwi ry'Urangururira mu butayu, nk'uko byari byaravuzwe n'umuhanuzi Yesaya. Nimutunganirize Uwiteka inzira!"

Nta byo bumvise, bavuga bati; "Yoo, uri Yesu"… Ahubwo "uri - uri Kristo."

Avuga ati: "Si njye Kristo. Nta n'ubwo nkwiye gupfundura udushumi tw'inkweto Ze, ariko Ari hagati yanyu ahantu runaka!" Kuko yari ahamirijwe ko Yajyaga kuhaboneka, mu gihe cye, kuko Imana yari yaramubwiye ko yajyaga kwerekana Mesiya.

Igihe kimwe, Umusore umwe yanyuze aho maze abona igisa n'Umucyo hejuru Ye, Ikimenyetso. Maze ariyamirira ati: "Nguyu Ntama w'Imana! Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye imbere yanyu!" Nta shiti.

35 Ku munsi wa Pantekote, Petero yarahagurutse maze ababwira Icyanditswe cya Yoweli 2:38 mu gihe bose bariho baseka bariya bantu batashoboraga kuvuga indimi zabo bwite, bavugiraga mu matamatama. Bibiliya ivuga iti: "Indimi zigabanije." "Ikigabanije" bishaka kuvuga igiteye imirwi, ururimi ruteye imirwi, ikitagize icyo kivuga, kuvugira mu matamatama gusa. Bakoraga hirya bagakora hino nk'itsinda ry'abasinzi.

Bose bavugaga bati: "Mu by'ukuri, aba bantu basinze. Nimubitegereze, murebe uburyo bakora, uburyo bariya bagabo n'abagore basakuza." Ni cyo cyavugwaga n'itsinda rya kinyedini rya kiriya gihe.

Petero ahagarara rwagati muri bo, avuga ati: "Bagabo benedata, mwebwe mutuye i Yerusalemu na mwe mutuye i Buyuda, mumenye ko aba bantu batasinze nk'uko mubibakekaho, kuko iyi ari isaha ya gatatu y'umunsi. Ahubwo ibi ni ibyavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ati: 'Mu bihe byanyuma Nzasuka Mwuka Wanjye ku bafite imibiri bose.'" "Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye." Nta shiti.

36 Luteri yaziye igihe. Wesley yaziye igihe. Pantekote yaziye igihe. Nta kavuyo.

Noneho, mbasabye kureba igisekuru n'igihe turimo none dufatiye ku Ijambo ryasezeranywe ry'igihe cyacu. Niba kera, mu bindi bisekuru, abantu barashoboye kuvuga bati: "Uyu munsi iki Cyanditswe", "Uyu munsi iki Cyanditswe". Bigeze he iby'Icyanditswe cy'igihe cyacu? Ni iki cyasezeranijwe iki gihe? Tugeze he? Ni gihe ki mu gihe isaha, isaha ya gishakashatsi yerekena saa sita z'ijoro zibura iminota itatu? Isi yagaragaje ko irwaye umushiha. Idini riri mu gitanda cyo kwangirika ku buryo ari nta muntu wamenya aho bageze. Ubu ni gihe ki cy'umunsi? Icyanditswe cya none ni ikihe? Uko itorero rihagaze cyangwa uko itorero rihagaze none!

37 Mu isi, politiki, imikorere yacu y'isi yarangiritse uko bishoboka. Sindi umunyapolitiki. Ndi Umukristo.

Kandi si ibyanjye kuvuga ibya politiki, ariko nashakaga byonyine kuvuga ko yangiritse mu mpande zombi.

Natoye rimwe, ijwi ryanjye narihaye Kristo, ngomba gutsinda. Satani arandwanya naho Kristo akanshyigikira; biterwa n'uwo natoye. Nejejwe no kuba naramutoye Kristo. Reka isi ivuge ibyo yishakiye, njye, nzahora nizera ko Adateze kuzahinduka. Azabihamya. Nta shiti Azabikora. Nta shiti. Ukwiyongera kw'ibyaha, k'ubuyereri mu rubyiruko.

Mwitegereze igihugu cyacu, kera ururabo rw'isi. Demokarasi yacu ikomeye yavutse igihe cy'Itangazwa ry'Ubwigenge. Kandi Itangazwa ry'Ubwigenge ryarasinywe, kandi twari dufite demokarasi. Hamwe na ba sogokuruza n'ibyo bari barakoze; twagize igihugu gikomeye.

None ubu kimaze kwangirika, kirasenyutse, kirahinda umushyitsi kandi kirahirimye. Kandi bagerageza gushyiraho imisoro ngo babone amafaranga yo kugura ubucuti bw'abanzi babo; aba bakabidutera mu maso. Intambara ya mbere y'isi, intambara ya kabiri y'isi, none turagana ku ya gatatu. Nta shiti. Politiki yaraboze, yarangiritse, yaraboze kugeza mu musokoro. Neza neza ni byo Matayo 24 havuga ko byajyaga kuba, ko “Ishyanga rizatera irindi”. Ibyo byose bizaba. Tubirebe noneho. Ni byiza cyane.

38 Mwitegereze ibindi; iterambere ry'ubushakashatsi. Noneho, kera, neza neza… Sogokuru yari agiye kureba nyogokuru mu igare rikururwa n'ibimasa. Noneho indege igezweho cyangwa icyogajuru kijya ku nyenyeri. …gikomeye. Mu by'ukuri! - ni nde wavuze ibyo? Danyeli 12:4 handitswe ngo: “Mu bihe byanyuma, ubumenyi buziyongera.” Turabona igihe tugezemo. Mwitegereze noneho aho isi igeze, aho ubushakashatsi bugeze.

Kandi mwongere mwitegereze, none, uburezi bwacu. Noneho, mwe kugerageza guhakana ibi. Mfite uduce tw'ikinyamakuru - bigisha ubusambanyi mu mashuri yacu, urubyiruko rwacu ruri mu mashuri kugira ngo basambane hagati yabo ngo bamenye niba bazashobora kurushinga muri iyi si! Yego, mugabo.

Byifashe bite mu myizerere yacu? Uyu mugoroba, mfite agace k'ikinyamakuru. Hariya, i Los Angeles, muri California, itsinda ry'abanyedini, ababwirizabutumwa ba kibatisite n'ab'abaperesibiteriyani bararitse itsinda ry'abatinganyi maze bakorana ubutinganyi na bo bitwaje ko bashakaga kubazanira Kristo. Mu gihe umutinganyi ari umwe mu mivumo y'igihe. Ndetse n'itegeko ryarabafunze.

39 None ubu tugeze he? Imikorere yacu yose yarangiritse byuzuye munsi y'ibirenge byacu. Nabonye ko ubutinganyi muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bwiyongereyeho 20 cyangwa 30%, umwaka ushize. Mubitekerezeho! Abagabo bashakanye n'abandi, neza neza nk'uko byari bimeze mu gihe cya Sodomu.

Ukwiyongera kw'icyaha, k'ubuyereri mu rubyiruko! Iki ni gihe ki? Uyu munsi iri Jambo ry'ubuhanuzi ryarasohoye.

Isi y'idini, itorero ubwaryo, itorero, itorero ryahamagariwe gusohoka, iryo twita itorero ryahamagariwe gusohoka, igisekuru cyanyuma cy'Itorero. Igisekuru cy'Itorero cya gipantekote. Ari he? Ari muri Lawodikiya nk'uko byavuzwe n'Ibyanditswe.

None, bajugunye amabendera yabo. Abagore babo bambara igice. Abagabo babo ba-… Ni ikintu giteye ubwoba. Bamwe muri bo, bashyingiwe gatatu cyangwa kane, babarizwa mu nama z'abadiyakoni n'ibindi. Baradohotse maze badukana ukwangirika kuko babarizwa mu nteko kandi bakaba bicaranye n'isi.

Kandi none, bafite amazu ahebuje ayo bigeze kugira kuba meza. Ahantu hamwe, umwe muri bo yubaka icyumba kinini gihagaze muri miliyoni 50 z'amadolari - miliyoni 50 z'amadolari. Abapantekote! Hashize imyaka 25, twari dufite akamenyero ko guhagarara mu nguni tuvuza akagoma. Twavugaga tuti...

Kuko Ibyanditswe byavuze mu Byahishuwe 3 ko uri umutunzi. Wavuze uti: “Nkaba ndamaraye nk'umwamikazi”. “Nta cyo nkennye. Kandi ntuzi ko uri umutindi wo kubabarirwa, impumyi kandi ukaba utanabizi.”

Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu. Amina! “Amina” risobanura: Bibe bityo. Nta bwo ndiho “nimameniza” [Kwibwira amina ubwanjye], Ahubwo ndashaka kuvuga ko nizera ko ari iby'Ukuri. Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye.

40 Idini rya gipantekote riri muri kamere ya kinyelawodikiya. Yoo! Bahora basimbuka, bagasakuza kandi bakitwara nabi mu gihe indirimbo icurangwa. Iyo indirimbo ihagaze - cyangwa indirimbo z'abahipi bamwe muri bo bacuranga kandi bakita Ubukristo - kandi igihe icyo ari cyo cyose ibyo bihagarariye, ubwiza bwose burigendera. Murabona?

Niba ari uguhimbaza Imana nyabyo, nta mafirimbi, nta mbaraga byaba bihagije ngo bibihagarike. Iyo ibyo bikomotse ku Mana by'ukuri, si ngombwa ko indirimbo icurangwa iranguruye. Igikwiye ni uko Mwuka w'Imana yabimanukiraho. Ni Cyo kibikora.

Kandi ni uguhera kera bibagiwe. Icyo kuko bafashe ko kuvuga mu ndimi ari cyo gihamya ntakuka ko umuntu aba yarabatijwe na Mwuka Wera. Kandi numvise aho amadayimoni n'abarozi bavuga mu ndimi.

Mwuka Wera ni Ijambo ry'Imana muri wowe, Wigaragaza Ubwe mu kwakira iri Jambo. Hanze y'Ibyo, ntibishobora kuba Mwuka Wera. Niba bavuze ko ari Mwuka Wera hanyuma bagahakana Ijambo rimwe ry'iyi Bibiliya, ibyo ntibishobora kuba Mwuka Wera. Ni cyo gihamya ngo umuntu amenye ko wizera cyangwa utizera.

41 Mwitegereze ikindi kimenyetso gikomeye. Abayuda bari mu gihugu cyabo, ishyanga ryabo bwite. Bafite ifaranga ryabo bwite, ni bamwe mu bagize Umuryango w'Abibumbye. Bafite ingabo zabo bwite, bafite byose. Bari mu gihugu cyabo Yesu yavuzeho ati: "Nimwigire ku giti cy'umutini." Bariyo, baguwe neza mu gihugu cyabo. Uyu munsi iki Cyanditswe cyarasohoye. Abayuda bari mu gihugu cyabo.

Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye: igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya.

Uyu munsi iki Cyanditswe, Matayo 24, kirasohoye: isi irangiritse, ikintu cyose, amahanga atera andi, imitingito y'isi ahantu hatandukanye, serwakira zikomeye zimanuka zinyeganyeza amahanga n'ibindi, Ibiza bikomeye hose. Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye.

42 Noneho, twabonye uko isi ihagaze. Turabona aho idini rihagaze. Turabona aho amahanga ahagaze. Kandi turabona ko none ayo masezerano yasohoye.

Sawa! Ariko none, hagomba kuboneka Urubyaro rwa Cyami rw'Aburahamu rw'ikirenga. Ni byo neza neza bizababaho, bizaba ari Umugeni wa Cyami w'Umwana wa Cyami wasezeranywe. Nk'uko nabivuze ejo nimugoroba, ntazaba ari umugeni usanzwe, ruzaba ari Urubyaro rw'umwuka. Hagomba kuboneka Umugeni wa Kinyamwuka uzahaguruka maze akaba Urubyaro rwa Cyami rw'Ukwizera kwa Cyami k'Umwana wa Cyami w'Aburahamu. Agomba guhinguka mu bihe byanyuma, kandi igihe n'ahantu ni isezerano Yahawe, Ubwe.

Dukurikije Malaki 3:23-24, Icyanditswe, hagomba guhaguruka Ubutumwa buzanyeganyeza imitima y'abantu, buyiboneza kuri ba data b'intumwa. Hari uzahingukana imbaraga za Eliya; uzahinguka; umuntu w'ubutayu uzasohokana Ubutumwa buzongera kuboneza ku Ijambo. Ni cyo gihe turimo.

43 Rero, mwitegereze noneho, mbabajije none aha, mwebwe ab'i Jeffersonville. Muri 1933, Umucyo udasanzwe wamanutse hariya ku ruzi, kiriya gihe, ubwo nabatizaga abantu 500 mu Izina rya Yesu Kristo, nari umusore w'imyaka nka 20. Ni iki Jeffersonville yavuze? Ni iki hariya ku mpera y'agahanda Spring ubwo ikinyamakuru Courrier (soma kuriye), ntekereza ko cyari "Louisville Herald", cyabyanditseho ingingo? Byahise bisakara kugeza no muri Canada binyuze muri Associated Press. Dogiteri Lee Vayle yabikase mu kinyamakuru, hariya muri Canada, mu wa 1933.

Ubwo nabatizaga umuntu wanjye wa 17, dushingiye kuri ubu buhamya, kandi muzi ibisigaye by'amateka. Kandi ubwo nari mpagaze hariya, mbatiza uwo muntu wa 17, Umucyo wamanutse uva mu Ijuru, urabagirana hariya hejuru, nk'Inyenyeri imanutse iva mu Ijuru. Ijwi rivuga riti: "Nk'uko Yohana Umubatiza yoherejwe kubera Kristo integuza yo Kuza Kwe kwa mbere, Ubutumwa bwawe buzaba integuza yo Kuza Kwe kwa kabiri mu isi yose." Iki Cyanditswe cyarasohoye.

44 [Iteraniro riranezerwa.-U.I.] Uyu munsi! [Iteraniro rirushaho kunezerwa no gihimbaza Imana.-U.I.] Imana yari yarabisezeranye. Ni iki cyabaye? Uyu munsi Ibi byazengurutse isi.

Kandi ubwo Imana yamanukaga maze Ikavuga Ibyo, ubwo nari nkiri akana, mu gihuru cyaka umuriro cyangwa kiriya gihuru, kigurumanishwa n'iriya Nkingi y'Umuriro, ku cyanya Wathena Utica Pike, navanaga amazi kuri buriya bubiko bw'ubwatsi bw'amatungo nyajyana ku ruganda rw'inzoga zitemewe n'amategeko. Muzi ukuri kwabyo. Avuga ati: "Ntuzigere unywa itabi, ntuzigere unywa inzoga, ntuzigere wanduza umubiri wawe: kuko hari umurimo ugutegereje aho uzabera mukuru." Ndahamya ko ibyo ari Ukuri; ko nabonye Ibyo. Kandi Imana, nk'uko Yabigenje hamwe na Mose, Yavugiye imbere y'iteraniro hariya maze Ikavuga iti: "Ibi ni Ukuri." Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye rwagati muri twe.

Mwitegereze ibyo Yavuze birebana no kugenzura ibyo umuntu atekereza n'uburyo ibyo byajyaga kumera ibyo kurambika ibiganza ku bantu kugeza ku kumenya amabanga y'umutima. Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye mu maso yacu.

45 Aya masezerano yatanzwe, mwitegereze, ayo masezerano yose yarahamirijwe kandi asohozwa n'Imana y'isezerano. Mwitegereze, ifoto ya Marayika w'Umwami Imana iramanitse i Washington D.C., muri uyu mugoroba.

Na we, George J.Lacy, umuyobozi wa FBI, ushinzwe ibikumwe n'ibimenyetso bya Leta ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, yasuzumiye Ibyo i Houston, Texas, maze avuga ati: "Iki ni Cyo Kinyabuzima Kidasanzwe Cyigeze gufotorwa mu mateka y'isi." Ni we washoboraga kubimenya, we ubizobereyemo mu isi yose.

Mwitegereze. Ibyo bimanitse kugira ngo bibe ubuhamya bw'Ukuri: ya Nkingi y'Umuriro yari yarayoboye Isirayeli, hariya mu butayu. Iriho irayobora Ubutumwa bumwe: "Nimusohoke mu Egiputa!"…?… Uyu munsi

iki Cyanditswe kirasohoye. Muzi Ubutumwa Yatanze.

46 Mwitegereze iyerekwa ry'i Tucson mu mezi atatu ashize, ubwo nari mpagaze hano mu gahanda. Mu gihe mu myaka itanu mbere y'aho, Yari yavuze ati: "Igihe umurwa uzashinga urubambo hariya, ahateganye n'irembo, uzahite ujya i Burengerazuba." Abo mu rusengero rwanjye barabizi, uhereye kiriya gihe. Ni ukuri.

Kandi ubwo Bwana Goyne n'abandi bari hariya kandi bashinze ruriya rubambo nabwiye umugore wanjye nti: "Hari icyo bishaka kuvuga."

Avuga ati: "Ni ibiki?"

Kandi narinjiye maze ndeba mu gatabo kanjye. Byari ibyo.

Kandi bukeye mugitondo, saa yine, nicaye hariya, mu cyumba cyanjye, ahagana saa yine, Marayika w'Umwami Imana yaramanutse. Avuga ati: "Jya i Tucson. Uzaba mu Majyaruguru ashyira Uburasirazuba bwa Tucson n'Abamarayika Barindwi bazaza hariya mu gicu kizanyeganyeza agace kose ahakuzengurutse." Kandi Avuga ati: "Aho ni ho uzigishirizwa."

Ni bangahe bibuka ibyo, mbere y'uko biba? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Hari umugabo wicaye muri iki cyumba, muri uyu mugoroba, wari uhagaze hariya ubwo byababaga.

Kandi yavuze ati: "Ibimenyetso Birindwi by'ubwiru buhishwe bwa Bibiliya yose bizabumburwa maze bisohoze Ibyahishuwe 10, bivuga ko mu bihe by'Ubutumwa bwa Marayika wa karindwi, ibyo bintu bigomba kuzaba." Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu. Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye.

47 Umwaka ushize, mpagaze ahantu hamwe, Bwana Woods uri hano na njye, twuriraga umusozi, we agenda yitotomba, mbese, ku bw'umugore we urwaye. Mwuka Wera avuga ati: "Tora ibuye. Ritere mu kirere. Ni rimanuka, uvuge uti: 'NI KO UWITEKA AVUZE, hari urubanza rutegereje isi yose. Mubwire ko agiye kubona ukuboko kw'Imana mu masaha make ari imbere.'"

Nabibwiye Bwana Woods uri hano muri uyu mugoroba. Kandi ntekereza ko hariya hari abantu munani cyangwa icumi cyangwa cumi na batanu, muri kiriya gihe, ubwo ibyo byababaga; bukeye mugitondo, Uwiteka amanuka muri serwakira maze Asatura umusozi, ahatuzengurutse, hanyuma atema ubushoroshori bw'ibiti, kandi Agira ibyo aturitsa incuro eshatu. Avuga ati: "Urubanza rwerekeje ahagana ku Nkombe y'u Burengerazuba."

Iminsi ibiri nyuma y'ibyo, Alaska yasaga n'iyarengewe n'ubutaka. Kandi uhereye icyo gihe, hari urubanza rw'Imana ku rusika rw'umwuka ukurikiye Urukombe rw'ibirutsi. Hari urusika rw'icyuma, hari urusika rw'imigano kandi hari urusika rw'icyaha.

48 Iterambere ryimutse rikurikije icyerekezo cy'izuba; Ubutumwa Bwiza na bwo. Byimutse biva i Burasirazuba bijya i Burengerazuba nk'izuba. None ubu Buri ku Rukome rw'i Burengerazuba. Ntibushobora kurenga aho. Buramutse bugeze kure biruseho, bwaba bugiye i Burasirazuba.

Umuhanuzi yavuze ati: "Hazabaho umunsi utakwita amanywa habe n'ijoro", umunsi wijimye, imvura nyinshi n'ibihu, ibihagije ngo tumenye uburyo bwo kwisunga idini cyangwa bwo kwandikisha izina mu gitabo. "Ahubwo, mu gihe cya nimugoroba, hazabaho Umucyo." Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye.

Rya z-u-b-a rimwe[Mwenedata Branham akoresha amagambo abiri avugika kimwe sun (izuba) na Son (Umwana)-U.I.] rirasira i Burasirazuba ni rya z-u-b-a rimwe rikarengera i Burengerazuba. Kandi wa M-W-A-N-A w'Imana umwe waje i Burasirazuba kandi Yihamije nk'Imana yigaragarije mu mubiri wa kimuntu; ni wa M-W-A-N-A w'Imana uri hano mu gice cy'isi cy'i Burengerazuba, Wigaragariza rwagati mu Itorero muri uyu mugoroba, Udateze guhinduka. Umucyo wa nimugoroba w'Umwana waraje. Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye imbere yacu.

49 Tugeze he muri iki gisekuru cyitirirwa Aburahamu? Tugeze he muri iki gisekuru gikomeye turimo, muri iki gihe cyiza turimo? Amayerekwa yose yarasohoye.

Byari ibiki ubwo umugaragu w'Imana mugufi, iyi ncuti yacu, umushumba ufatanije n'undi mu rusengero duhuje imyizerere, Junior Jackson, adusanga yiruka, umugoroba umwe, nari ndi hariya? Avuga ati: "Narose, Mwenedata Branham, unteye amatsiko. Nabonye benedata bose bateraniye ku gasozi kamwe." Maze akomeza ati: "Kuri ako gasozi, wari hariya utwigisha uhereye ku nyuguti zari zanditse, byari nk'inyandiko zaharatuwe n'igihe ku rutare. Yavuze ati: 'aho urangirije ibyo byose, wavuze uti: egera.' Hanyuma duteranira hamwe twese."

Avuga ati: "Hari ikintu wakuye ahantu hamwe, kandi wagira ngo hari ikintu wafashe kimeze nk'icyifashishwa mu guterura hanyuma upfundura isonga ry'ako gapiramide. Kandi ubwo ako gapiramide kapfundurwaga, yavuze ko harimo akabuye katagiraga ikikanditseho. Kandi wadusabye kubireba. Kandi mwese… "twahereyeko tureba twese." Akomeza avuga ati: "Narakebutse maze mbona ko wari werekeje i

Burengerazuba, n'imbaraga zawe zose; izuba rirenga." Ni bangahe babyibuka? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.]

50 Kandi nahagaze aho igihe gito kugeza ubwo Mwuka Wera ahishuye ibyo. Mvuga nti: "Bibiliya mu mwuzuro Wayo, nk'uko Yahishuriwe abantu, Yabibaye binyuze mu gutsindishirizwa, mu kwezwa, mu mubatizo wa Mwuka Wera, umubatizo mu Izina rya Yesu n'ibyo bintu byose, ariko hari amabanga ahishwe imbere kuko Bibiliya ifatanishijwe Ibimenyetso Birindwi. Ngomba kujya hariya kugira ngo mbihishurirwe."

Kiriya gitondo, ubwo Abamarayika Barindwi bamanukaga maze bagatigisa isi n'ibitare bikaguruka mu byerekezo byose, Abamarayika Barindwi bahagaze hariya maze bavuga bati: "Taha i Jeffersonville aho waturutse, kuko Ibimenyetso by'ubwiru Burindwi bigiye kubumburwa."

Ni ho turi none. Dusobanukiwe "Urubyaro rw'Inzoka". Mu minsi mike, niba ari ubushake bw'Imana, tuzasobanukirwa ukuri ku "Gushakana no Gutana" n'ibyo bintu Imana yabumbuye byose, buri Kimenyetso, ubwiru bwa mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro, kandi tunejejwe no Kubaho kw'imigisha Yayo. Ni byo. Uyu munsi, iki Cyanditswe…

51 Ikinyamakuru "Life" cyabitangajeho ingingo ivuga iti: "Uruziga rw'ubwiru rw'Umucyo ruzamutse mu kirere hejuru ya Tucson na Phoenix"- mu buryo nari narabibabwiyemo, mu gihe nk'icy'umwaka mbere y'uko bisohora; uburyo byajyaga kuba mu gisa na mpande eshatu. Ifoto yabyo imanitse hariya mu rusengero. Mwebwe abari mwarakiriye icyo kinyamakuru, muragifite. Ibyo birimo neza neza. Bavugaga ko urwo ruziga rwari ku butumburuke bwa km 43 n'umurambararo wa km 48. Ntibaragasobanukirwa ibyabaye. Byari byababonekeye mu buryo bw'ubwiru kandi bijya kure mu buryo bw'ubwiru.

Mwenedata Fred Sothmann, njye na Mwenedata Gene Norman, twari duhagaze hariya. Abantu batatu b'abatangabuhamya, nk'uko Yari yajyanye mu mpinga y'umusozi Petero, Yakobo na Yohana ngo bazabe abatangabuhamya. Twari duhagaze hariya kandi tubyitegereza, ubwo ibyo byabaga kandi twabonye bisohora. Ngururiya, rumanitse mu Kirere, kure, ahatagira ubuhehere habe n'umwuka w'inkono, ahatagira na gito cyashobora gukora igihu. Ni gute bashoboye kugera hariya? Ni Abamarayika b'Imana batahaga nyuma yo gutanga Ubutumwa bwabo. Uyu munsi ubwo buhanuzi bwasohoreye hagati yacu. Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye.

Mwitegereze. Ibimenyetso Birindwi byarabumbuwe. Serwakira igwiriye Urukombe rw'u Burengerazuba. Noneho, ibi bye kubacika nk'uko byabacitse kera.

52 Noneho, twite ku gihe cyacu mu buryo bwimbitse. Ibyanditswe bivuga iki kuri uyu munsi no ku gihe turimo? Yesu avuga… Sindi bubone igihe cyo kuvuga kuri ibyo byose, ariko nifuzaga gufata ibi mbere y'uko duhumuza. Yesu yavuze muri Luka Wera igice cya 17, umurongo wa 30… Yesu Kristo, Ijambo Ubwaryo! (Mwaba mubyizeye?). [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Yesu Kristo, Ijambo ryiyambitse umubiri, Ryaravuze maze Rivuga icyo Ijambo ryajyaga kuba cyo mu gihe cyanyuma, icyo ikimenyetso cy'imperuka kizaba cyo. Yababwiye ko ishyanga ryajyaga gutera irindi, ariko Ababwira ati: "Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Sodomu, ni na ko bizamera mu gihe cyo guhishuka k'Umwana w'umuntu."

Noneho, ubwo Yesu yazaga mu isi, Yaje mu izina ry'Umwana incuro eshatu: Umwana w'umuntu akaba ari umuhanuzi, Umwana w'Imana n'Umwana wa Dawidi. Noneho, Yabaye ku isi, Ntiyigeze avuga ko Ari Umwana w'Imana. Yavugaga ati: "Ndi Umwana w'umuntu." (Yehova Ubwe yise Ezekiyeli n'abandi bahanuzi "Umwana w'umuntu".) Ni uko Yagombaga kuza gusohoza Ibyanditswe nk'Umuhanuzi.

Mose yari yaravuze ati: "Uwiteka Imana yanyu izabahagurukiriza Umuhanuzi umeze nka njye." Impamvu atashoboraga kuba Umwana w'Imana, kiriya gihe, ni uko Yari Umwana w'umuntu. "Ijambo ryazaga ku bahanuzi." Kandi Yari Ijambo mu mwuzuro Waryo. Umwana w'Umuntu, Umuhanuzi mukuru… Atari Umuhanuzi mukuru Ahubwo Imana-Muhanuzi. "Umwuzuro w'Ubumana wari muri We mu buryo bw'umubiri". Ku bw'ibyo, Yari Umwana w'Umuntu.

Noneho, twaramumenye, mu myaka ibihumbi bibiri, nk'Umwana w'Imana, Mwuka. Kandi mu Ngoma y'Imyaka Igihumbi, Azaba ari Umwana wa Dawidi, ku Ngoma. Tubizi twese, twebwe abizera Ibyanditswe.

53 Noneho, Yesu yavuze ko, ku iherezo ry'iki gisekuru cy'Itorero turimo, "Umwana w'Umuntu azongera guhishurwa mu buryo bumwe n'ubwo byahozemo - nk'uko byari bimeze igihe cya Sodomu".

Mwitegereze uburyo Yerekanye ibyo mu buryo bw'amateka. Ubwa mbereYavuze ati: "nk'uko byari bimeze mu bihe bya Nowa, bararyaga, baranywaga, barongora kandi bashyingira…" Hanyuma, Abihuza, muri ako kanya, n'Umwana w'umuntu i Sodomu. Ni uko hariya, Yari yarakoranye n'Abayuda; hano, i Sodomu, Akorana n'Abanyamahanga. Hariya, Yabaroshye bose mu mazi igihe cy'urubanza. Hano mu Banyamahanga, Yarabatwitse bose ku munsi wa Sodomu. Ni ukuri. Isi y'Abanyamahanga yari yakongotse: "Kandi bizamera bityo ubwo Umwana w'umuntu azihishura." Ntibizaba bikiri amazi, Ahubwo kuri iyi ncuro, uzaba ari umuriro. Uyu murongo w'Itangiriro 23 dusomye, Yesu yawusomye ubwo Yasomaga ibirebana na Sodomu.

54 Noneho, twemera ko ibihe bivugwa bireba - bireba iby'isi na Sodomu, Abanyasodomu, ubunyasodomu. Turi buvuge twese amina kuri ibyo. Turabyizera. Ni byiza cyane.

Kandi ku birebana n'imiterere y'umwuka ya Lawodikiya, itorero risanzwe, tuzavuga amina kuri ibyo kandi tuzemera ibimenyetso byabyo. Tuzi ko buri kimenyetso gihari. Itorero riri muri Lawodikiya. Turabizi. [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.]

Tuzi ko isi iri mu miterere ya kinyasodomu. Byaba ari byo? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Tuzemera ibyo.

Ariko bimeze bite iby'ikimenyetso cy'Aburahamu, uwari utegereje umwana w'isezerano? Yari undi.

Mubyibuke, kera, bari bafite Sodomu; bari bafite intumwa yabo. Kandi Aburahamu yari afite intumwa ye bwite.

Aburahamu yahoraga ategereza uko bukeye uko bwije isohora ry'icyasaga n'ikidashoboka. "Sara yari afite imyaka 90 naho Aburahamu akagira 100." Yahoraga ategereje, ashingiye ku isezerano ry'Imana. Rwagati muri uko kunegura kose, yari ategereje uwo mwana.

Ni bimwe n'iby'Umwizera nyakuri uhora ategereje ko Umwana wasezeranywe agaruka! Mwitegereze, gato mbere y'uko uwo Mwana agaruka, yahawe ikimenyetso. Ikimenyetso cy'Umwana uje, nticyaba kigomba guhishuririrwa Urubyaro rwa Cyami rw'Aburahamu rutegereje Umwana w'Umwami, nk'uko byari bimereye data wa twese Aburahamu wari utegereje umwana usanzwe? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Byaba ari ukuri? ["Amina."] Byavuzwe na Yesu muri Luka 17:30: *"Mbere y'uko icyo gihe kigera, Umwana w'umuntu azahishurwa nk'uko byari bimeze mu bihe bya Sodomu."* Noneho, dutegereje ikimenyetso.

55 Noneho, twitegereze imiterere y'ibihe nk'uko byari bimeze i Sodomu. Mwitegereze, bose bari bijanditse mu butinganyi - isi.

Ntekereza ko umwe mu bakoze filimi vuba aha kandi byambayeho kuyireba, yari yiswe "Sodomu". Niba warayibonye - nta kindi kiyirimo uretse ibyo. Uzayirebe rimwe. Nta gusidikanya ko ari ishusho nziza ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika z'ubu - ya Hollywood, neza neza, imyambarire imwe n'ibindi byose bakoraga kiriya gihe, ibirori bikomeye by'ibigirwamana n'ibindi byose - imihango y'idini y'abantu, ingirwabizera.

Mwitegereze, Sodomu yari ifite umutangabuhamya, kandi uwo yitwaga Loti, mbese yari umuhungu wabo w'Aburahamu.

Noneho Aburahamu, we n'itsinda rye nta bwo bari baramanutse i Sodomu. We n'itsinda rye bashoboraga kunesha abami 12 n'ingabo zabo. Rero, yari afite itsinda rinini kandi rikomeye. Kandi yari yicaye hariya munsi y'igiti cy'umwera, igihe kimwe, mu gihe nta na gito cyamugendekeraga neza; nta wari ukeneye kugira icyo akorana na we, ariko yari akomeye kuri iryo sezerano. Mwitegereze noneho mwitonze mbere y'uko duhumuza.

Mu gihe yari yicaye hariya, haje abagabo batatu, bamugana. Ababiri muri bo bamanuka i Sodomu maze bahabwiriza Ubutumwa Bwiza, babwiriza Loti n'abandi ngo basohoke. Byaba ari ukuri? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Ariko Undi asigarana na Aburahamu. Mwitegereze. Uwasigaranye n'Aburahamu yari Imana Ubwayo. Ababiri bandi bari Abamarayika b'intumwa.

56 Noneho, hariya i Sodomu, nta gitangaza na gito bahakoreye, babateje ubuhumyi byonyine. Kandi ibwiriza ry'Ubutumwa Bwiza rihora ribateza ubuhumyi.

Noneho, mwitegereze imiterere ya kiriya gihe. Hari itorero risanzwe. Imana ihora igaragazwa muri gatatu nk'uko nabivuze ejo nimugoroba. Hari Abanyasodomu, Abanyaloti n'Ababurahamu. Ibyo biri mu gihagararo kimwe uyu mugoroba, isi ni uko ihagaze neza neza.

Munyemerere ngire icyo mbisabira. Mwitegereze iyo miterere noneho. Aburahamu yise uwo Mugabo wamuvugishaga "Elohim". Ijambo ry'igiheburayo "Elohim" risobanura "Uwihagije, Uwiteka", - Elohim, Imana Ubwayo!

Itangiriro rivuga riti: "Kera na kare Imana…" Mwitegereze ijambo ry'Igiheburayo cyangwa ry'Ikigiriki: *"Kera na kare 'Elohim' yaremye ijuru n'isi."*

57 Hano, Ya-… mu Itangiriro ahagana ku … wa 22 hano. Yongera kuvuga cyangwa - cyangwa ahagana ku … wa 20. Yavuze - kandi yise uwo Mugabo izina "Elohim". Ni iki cyamuteye gukora ibyo? Imana, yambaye umubiri wa kimuntu, yicaranye na Aburahamu, Irya umugati wa sanduwici urimo inyama y'inyana, Inywa amata kandi Irya umugati usanzwe. Imana Ubwayo, hanyuma Iburira imbere y'abantu.

Ariko Imuha ikimenyetso. Mwitegereze. Kandi icyo kimenyetso ni uko umugongo Wayo wari uteye ihema umugongo.

Kandi mwibuke, Aburahamu, izina rye ryari Aburamu igihe gito mbere y'ibyo, kandi na Sara yari Sarayi mbere y'ibyo; S-a-r-a-y-i, hanyuma S-a-r-a, na A-b-u-r-a-m-u rihinduka A-b-u-r-a-h-a-m-u. Aburahamu risobanura *"se w'amahanga".*

Noneho, mwitondere ibi cyane, kandi tuzabona imiterere y'ibihe turimo none; kuko Yesu yatubwiye ngo tuzite kuri iyo miterere. Twabonye ibisigaye by'ibyo byose bisohora. Turebe noneho, ibirebana n'Urubyaro rwa Cyami, ibyo bakabaye babona.

Noneho uwo Mugabo avuga ati: "Aburahamu, Sara, umugore wawe, ari he?" maze Aburahamu asubiza ati: "Ari mu ihema inyuma Yawe."

Noneho, Ntiyari yarigeze kumubona. Ni gute Yamenye ko yitwaga Aburahamu? Ni gute Yamenye ko yitwaga Sara?

"Aburahamu, umugore wawe Sara, ari he?"

Avuga ati: "Ari mu ihema, inyuma Yawe."

Avuga ati: "Njye - njye (ngenga.) Ngiye kuzagusura Nshingiye ku isezerano. Umugore wawe azabona urwo ruhinja. Wangiriye icyizere, noneho Ngiye gusohoza ibyo."

58 Kandi Sara, inyuma mu ihema, n'ugutwi kubanze, uko waba ubyita kose, kwari kubanze mu ihema, asekera mu mutima maze avuga ati: "Noneho, umukecuru nka njye, kwishimana n'umutware wanjye, na we ufite imyaka ijana? Mu by'ukuri, ibi ntibyaherukaga uhereye imyaka n'imyaniko."

Kandi uwo Mugabo, M-u-g-a-b-o, wicaye hariya, mu mubiri wa kimuntu, yararyaga nk'umuntu usanzwe, n'umukungugu ku myambaro Ye, kandi Yari afite umukungugu ku birenge Bye kandi Aburahamu yari yabikarabije. Imana, Ubwayo, Yitegereza hirya no hino maze Ivuga iti: "Kuki Sara asekeye mu ihema, avuga biriya?" Yari ibizi, Yashoboraga kugenzura ibitekerezo bya Sara mu ihema, inyuma Yayo. Byaba ari iby'ukuri? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.]

Noneho, iyo Urubyaro rwa Cyami rw'Aburahamu rwabaga rwaje ku isi, mbega ikimenyetso Yari yerekanye? Umwana w'umuntu. Igihe kimwe, Simoni yaramusanze; yari Andereya wari wamuzanye. Amubwira ati: "Witwa Simoni, ukaba mwene Yona." Murabona, ibi byamugize umwizera.

59 Filipo ajya guhamagara Natanayeli hariya; aragaruka maze avuga ati: "Ngo ino urebe Umugabo twabonye, Yesu w'i Nazareti, mwene Yozefu."

Avuga ati: "Noneho, tegereza umunota umwe. Mbese uriya munyabikabyo hari icyiza cyamuturukaho?"

Avuga ati: "Ngo ino wirebere."

Rero ubwo Filipo yegeraga, ari kumwe na Natanayeli, mu Bwiza bwa Yesu, Yesu yaramwitegereje ahereye ku mutwe ageza ku birenge maze Avuga ati: "Dore Umwisirayeli utagira uburiganya muri we."

Avuga ati: "Mwigisha, wamenye ryari?"

Avuga ati: "Mbere y'uko Filipo aguhamagara, ubwo wari uri munsi y'igiti, nakurebaga."

Avuga ati: "Mwigisha, Uri Umwana w'Imana. Uri Umwami wa Isirayeli."

60 Ubwo wa mugore wo ku iriba, mu miterere ye y'uburaya, yajyaga kuvoma - ishusho y'ubuzima isanzwe nk'iyi - Yesu yari yohereje abigishwa Be guhaha ibyo kurya. Ubwo yegeraga kuvoma amazi, Avuga ati: "Mugore, mpa amazi yo kunywa."

Avuga ati: "Ntibisanzwe ko mwebwe, muvuga ibyo. Hano, turavangura. Mu by'ukuri, mwebwe Abayuda, nta ho muhuriye na twe Abasamariya; nta ho duhuriye na mwe."

Avuga ati: "Ariko mugore, iyo uba wari uzi Uwo muvugana, ni wowe uba unsabye amazi yo kunywa. Mba Naguhaye Amazi azakurinda kugaruka kuvoma hano."

Yamenye ubuzima bwe, uko bwari buhagaze. Avuga ati: "Genda unzanire umugabo wawe."

Avuga ati: "Nta mugabo ngira."

Avuga ati: "Ubivuze ukuri. Wari usanganywe batanu kandi uwo muri kumwe nta sezerano mufitanye."

Avuga ati: "Wa Mugabo we, menye ko Uri Umuhanuzi. Tuzi ko ubwo Mesiya azaza, Azatwereka ibi bintu." [Mwenedata Branham akubita igicaniro incuro enye.-U.I.]

Yesu avuga ati: "Ndi We."

Ku bw'ibyo, yinjira mu murwa yiruka maze avuga ati: "Nimuze mundebere Umugabo wambwiye ibyo nakoze. Ntiyaba ari We Mesiya Ubwe?"

61 Mwitegereze, Yakoreye ibyo imbere y'Abayuda n'Abasamariya, ariko Ntiyabikorera imbere y'Abanyamahanga. Twebwe Abanyamahanga, twari abapagani muri biriya bihe - andi mahanga, bikoreye amahiri ku migongo yabo, baramya ibigirwamana. Nta Mesiya twari dutegereje.

Abonekera abamutegereza bonyine, kandi twakabaye tumutegereje.

Ariko abavugaga ko bamutegereje, itorero ubwaryo, ubwo babonaga ibyo bisohora, bavuze bati: "Ni idayimoni. Ni umutekamutwe, Belizebuli!"

Kandi Yesu yavuze ko icyo cyaha bajyaga kukibabarirwa kuko Yari atarapfa. Avuga ati: "Ariko, igihe Mwuka Wera azazira gukora bimwe, uzagira icyo avuga arwanya Ibyo, azaba adateze kuzabibabarirwa." Ni iki gihe Amagambo yose agomba gukora ikintu kimwe cyibumbye. Kuvuga ijambo rimwe urwanya Ibyo, bizaba bidateze kubabarirwa haba mu gihe cya none haba no mu kizaza.

62 Ni Urubyaro rwa Cyami rwa Aburahamu. Kandi hano, urwo Rubyaro rwa Cyami rwa Aburahamu, rwazanywe no kwerekana uwo Mugabo wicaye hariya hamwe n'Aburahamu, rujya guhamya ko byari ya Mana imwe yasezeraniye iki gihe iti: "Nk'uko byari bimeze mu bihe bya Sodomu, ni na ko bizamera mu bihe byo Kuza k'Umwana w'umuntu, ubwo Azihishura nk'Umwana w'umuntu." Amina. Iki ni cyo gihe iki Cyanditswe kigomba gusohora.

Mwitegereze uburyo duhagaze none. Mwitegereze itorero aho Umwana w'Imana… Mwitegereze iki gihe. Mwitegereze ubuhanuzi bwose. Noneho, ikidasanzwe, abashyits-… bacu bagomba kuba bahari niba turi mu bihe bimwe n'ibya Sodomu.

Habonetse abagabo batatu boherejwe n'Ijuru. Tuzabyemera. Batatu muri bo; Umwe yasigaranye n'Aburahamu. Bose bari bagiye hariya, ariko Umwe asigarana n'Aburahamu. Abasigaye muri bo bamanuka i Sodomu. Byaba ari iby'ukuri? [Iteraniro riti: "Amina".-U.I.] Kandi izina ry'Aburahamu rihindurwa rivanwa kuri Aburamu riba Aburahamu. Byaba ari iby'ukuri? ["Amina."]

Mu mateka, itorero ry'isi nta bwo ryigeze ribona, mbere ya none, umubwirizabutumwa ujyayo, kandi ufite izina risozwa na h-a-m, Billy G-r-a-h-a-m. Byaba ari iby'ukuri? [Iteraniro riti: "Amina."] G-r-a-h-a-m inyuguti esheshatu: A-b-r-a-h-a-m inyuguti zirindwi. Ariko G-r-a-h-a-m ni inyuguti esheshatu, akaba ari isi, umuntu. Murabona?

63 Mwitegereze abagiye hariya, none, ni ziriya ntumwa zavuye mu Ijuru. Haba hari umuntu uri ku isi, waba warabwirije kenshi kwihana mu buryo busobanutse nka Billy Graham? Haba hari umuntu waba warakongeje abantu cyane nka Billy Graham? Nta muntu waba yarabayeho ku rwego mpuzamahanga. Yoo! Billy Sunday n'abandi bari hano muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ariko Billy Graham yabaye ikirangirire mu isi yose. Murabona aho ahamagara ari? I Sodomu.

Kandi aherekejweyo na Oral Roberts, n'idini rya gipantekote.

Ariko iby'Itorero ry'intore bihagaze bite? Ni kimenyetso ki bakabaye babona? Ni iki bakabaye babona? Haleluya! "Hazabaho Umucyo igihe cya nimugoroba!" Iki Cyanditswe kirasohoye. [Iteraniro riranezerwa.-U.I.] None isezerano ry'Imana rirasohoye. Tuzi ko ibyo ari Ukuri. Ari hano muri uyu mugoroba nk'uko Yari ari kiriya gihe.

64 Noneho ku byo kubwiriza ibyo, nk'uko nabivuze mu kanya, niba mugize icyo mubwiriza kandi kikaba ari Ukuri k'Ubutumwa Bwiza, rero, Imana ihaswe kubihamya. Byaba ari ukuri? [Iteraniro riti: "Amina"-U.I.] Noneho niba ari uko bimeze, Imana yanditse Ijambo, Imana yatanze ubuhanuzi, Imana ari Yo Mana y'Ijambo, Itere agatambwe maze Ihamye ko Idateze guhinduka.

Nk'uko Eliya yatondagiye umusozi agenzura - Elisa agenzura Eliya, yavuze ati: "Ndifuza imigabane ibiri." Maze umwitero wari kuri Eliya uhubukira Elisa. Aramanuka, maze azinga uwo mwitero mo kabiri hanyuma awukubita umugezi, avuga ati; "Imana ya Eliya, Iri he?" Hanyuma ibyari byabaye kuri Eliya, biba kuri Elisa.

Kandi bwa Butumwa Bwiza bumwe, za Mbaraga zimwe, wa Mwana w'umuntu umwe, Ntateze guhinduka! Abaheburayo 13:8. Mwaba mubyizeye? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Ngiye kubabaza rero ikibazo. Sinshobora kuba We, ariko Ari hano. ["Amina."] Turi ibahasha Ye gusa. Ari muri twe.

65 Bamwe muri mwe hariya, murwaye kandi mubabaye, muzi ko ntabazi, ko Imana ubu… Iyo mba nari nshoboye guca bugufi bihagije. Senga maze usabe Imana.

Sintekereza ko… Nta dukarita tw'abasengerwa turi mu cyumba, si byo? Nta two, si-… nta gahunda ihari yo gutanga udukarita tw'abasengerwa… Turi bushyireho gahunda y'amasengeso… cyangwa iyo gukiza abarwayi mu rusengero. Ariko musenge.

Kandi muzi ko ari nta ho twaba tuziranye na hato. Murabona. Muranzi, Jeffersonville! Sinshaka ko abantu b'i Jeffersonville bakora ibyo. Ndashaka abantu b'ahandi, baturutse ahantu kure. Murebe niba Imana ihora ihishura. Murebe niba Idateze guhinduka.

Genza nka wa mugore wari urwaye imyaka cumi n'ibiri. Yarihitiraga maze avuga ati: "Nizeye uyu Mugabo." Amaraso yari yaramushizemo maze avuga ati: "Iyo mba nari nshoboye gukora ku ncunda z'umwambaro We byonyine, naba nkize." Byaba ari iby'ukuri?

Ku bwo kwizera kwe, Icyanditswe cyasohoye ubwo. Yahumurije imitima y'abababaye, Yakijije abarwayi n'ibicumba.

Ubwo yakoraga ku mwambaro We, Yagiye kure maze aricara, Arahindukira maze Abaza ati: "Ni nde unkoze?" Ni gute Yashoboye kumenya mu ruvunganzoka rushobora kuba rukubye incuro 30 abari hano muri uyu mugoroba, ibihumbi by'abantu, ko hari umukozeho, ni gute Yabimenye? Avuga ati: "Ni nde unkoze?" Ntiyari abivugishijwe gusa no kubivuga, Yari yabivugishijwe n'uko byari iby'ukuri. Kandi Yavuze ati: "Ni nde unkoze?" Ako kanya, Yarangaguje amaso maze Abona wa mugore, aho yari yicaye cyangwa ahagaze, uko yaba yari yifashe kose - Yamubwiye ko yari yakize iryo takaza ry'amaraso.

Yari Yesu ejo. Ni Yesu none. Waba ubyizeye? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.]

66 Nta bwo nkuzi. Imana Yo irakuzi. Ariko ufite uburibwe buguteshejе umutwe, mu rubavu rwawe. Ni ukuri. Wicaye hariya, ubisengera. Naba nkubereye umunyamahanga? None twaba umwe abereye undi umunyamahanga hagati yacu? Haguruka, niba ari iby'ukuri?

Sinkuzi. Ni uyu mugabo, uri hano mu nguni, uyu musore. Na we, urwaye mu mihogo. Ni ukuri. Ni byo uriho usengera. Hari ikiguteye umushiha. Bigiye kukubera ngombwa guhagarika amateraniro kuko uri umubwirizabutumwa. Ufite inshingano wiyemeje ugomba kwitaho. Ni ukuri. Yego, yego. Waba wizera ko Imana izi uwo uri we? Reverandi Bwana Smith, noneho ushobora kwigendera kandi ugakira. Yesu Kristo yagukijije. Igire mu materaniro kandi umuhogo wawe ntucyongeyе kukubuza amahwemo ukundi. Ni nde yakozeho?

67 Hari umugabo wicaye hano inyuma; arababaye. Afite ikibyimba cya kanseri mu gihaha cye cy'i bumoso. Si uw'ino. Wabaye umucukuzi w'amabuye y'agaciro. Ni ukuri. Nta ho tuziranye na hato. Niba ari ukuri, zunguza ikiganza. Icyo kibyimba cya kanseri kiri mu gihaha cyawe cy'i bumoso, kandi witeguriye kubagwa, bidatinze. Byaba ari iby'ukuri? Uturutse hanze y'umurwa. Uturutse muri Virginia. Ni ukuri. Waba wizera ko Imana izi uwo uri we? Bwana Mitchell, ni ukuri, itahire iwawe maze ukire. Yesu Kristo aragukijije. Baza uwo mugabo! Sinigeze mubona mu buzima bwanjye. Yari yicaye hariya, asenga. Uyu munsi iki Cyanditswe!

[Mwenedata Branham atera iteraniro umugongo.-U.I.] Dore umugore wicaye hano inyuma yanjye, nk'uko Sara yari ameze mu ihema. Arasengera umwana w'umukobwa. Haguruka. Uwo mukobwa nta uri hano, ari ahandi, uwo mukobwa. Uri mu gihagararo nk'icy'umugore waje kureba Yesu, yari afite umugore wari utwajwe igitugu na dayimoni mu buryo bukomeye. Uwo mugore ari… uwo mukobwa ahanzweho n'amadayimoni. Si uw'ino. Aturuka… Uturutse muri Carolina y'Amajyaruguru. Waba ubyizeye? Kandi ni ukuri, si byo? Muka Orders, ushobora kwitahira. Niba wizeye n'umutima wawe wose, uri busange umukobwa wawe nk'uko bari barasanze uriya, kera, ubwo Yesu Kristo yavugaga ko yari yakize.

68 Uyu munsi iki Cyanditswe: ikimenyetso cya Sodomu, ikimenyetso cy'Urubyaro Rudasanzwe, ikimenyetso cy'itorero risanzwe! Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye hagati muri mwe. Mwaba mubyizeye?

Waba ushaka kumwemera none aha nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo n'umubiri? Nimuhaguruke, mwese maze muvuge muti: "Nemeye gukira kwanjye. Ndamwemeye nk'Umucunguzi wanjye. Ndamwemeye nk'Umwami wanjye." Buri wese nahaguruke.

Uyu munsi! Nimutege amatwi, ncuti zanjye. Asoma imirongo y'Ibyanditswe, Asubiza Bibiliya umutambyi kandi handitswe ngo: "Abantu bose ni We bari batumbiriye. Maze Arabareba hanyuma Avuga ati: 'Uyu munsi iki Cyanditswe kirasohoye.'"

Nasomye Icyanditswe, n'ibihamya cumi na bibiri cyangwa birenga, byerekana ko turi mu bihe byanyuma, igisekuru kizabona Yesu agaruka ku isi. Kandi nongeye kuvuga muri uyu mugoroba nti: "Iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu."

Mwebwe muri i Tucson, mwebwe muri muri California, mwebwe muri i New York, mwebwe duhujwe na telefone: Uyu munsi iki Cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu. Tunezerwe kandi twishime, kuko Ubukwe bw'Umwana w'Intama butashye, kandi Umugeni We akaba yiteguye.

Tuzamure ibiganza maze tuyihe icyubahiro, mwese. Imana ibahe umugisha.

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7